GUTANGIRA UBUZIMA BUSHYA MURI KRISTO

Cyanditswe na Christy Akins Brawner

Cyahinduwe mu Kinyarwanda
na
Pr. Bernardin Munyankindi

Discipleship Series
Pioneer Evangelism Series

Uko wakoresha “Gutangira ubuzima bushya muri Kristo”

***Kurikiza ibi bikurikira igihe uvuga inkuru cyangwa wigisha inyigisho zirimo*:**

1. **Ujye wibuka buri gihe kuvugisha umuntu umwubashye, ubanze umusabe niba washobora gutangira kumubwira inkuru yawe, kandi niba wakomeza kujya uza buri cyumweru.**

2. **Uvugane ijwi rituje ry’umuntu uganira. Ntumubwirize ubutumwa.**

3. **Ntujye impaka ku myizerere. Ureke Umwuka Wera abe ari we wikorera umurimo mu mutima w’uwo muntu udakijijwe amushinje ibyaha kandi amwemeze ukuri.**

4. **Ntutangire kumucira urubanza cyangwa ngo umucireho iteka kubw’ibyo yizera. Icyo ukora gusa wowe ni ukwigana n’uwo muntu Bibiliya ubundi ukareka Umwuka Wera agakorera mu Ijambo ry’Imana.**

5. **Ujye utangiza guterana kwanyu isengesho rigufi usaba Imana ngo ibahe kumva ibyo biga muri izo nkuru za Bibiliya.**

6. **Ukoreshe ubu buryo bukurikira mu kuvuga inkuru: Soma interuro imwe gusa hanyuma usobanure mu magambo yawe ibyo umaze gusoma. Ukoresheje ubu buryo uba uhaye abantu amahirwe yo kumva iyo nkuru incuro ebyiri kandi bakaba banayisobanuriwe mu buryo bworoheje cyane. Iyo ushoboye kugira utundi dutabo wabaha bagasoma nabo kugirango bagire uruhare mubyo murimwo.**

7. **Umuyobozi agomba kubaza ibibazo igihe arangije kubabwira inkuru. Intego y’ibyo bibazo ni ukugirango isomo risubirwemo kandi umuntu arebe niba inkuru yumvikanye. Ntabwo ari ugutangira kujya impaka cyangwa gutanga ibindi bisobanuro birebire.**

8. **Soma inyigisho zivuyemo. Reka abagize itsinda bagire umudendezo wo wo gutanga ibitekerezo kuri buri nyigisho no kuzijyaho impaka. Uramenye ntukagire NARIMWE ubwo ujya impaka cyangwa ngo uhangane n’uwariwe wese. Kuri uru rwego ntibiba ari ngombwa ko abagize itsinda bemera ukuri kw’Imana kurimo cyangwa ngo bakwemeranyeho. Icy’ingenzi gusa ni uko basobanukirwa uko kuri nk’uko kwerekanwe mu Ijambo ry’Imana.**

9. **Nyuma y’izo nyigisho ziba zikubiyemo, uhe akanya buri wese ko gutanga ibyifuzo bye ngo asengerwe mu itsinda.**

10. Usengere buri wese mu itsinda na buri cyifuzo ku buryo bw'umwihariko. Uko itsinda rigenda ritera intambwe n'abantu bagenda bakizwa ujye ureka basengerane muri aka kanya ko gusenga.

11. **Isomo rya karindwi nirirangira ugomba guhamagarira abantu kwakira Yesu nk'Umwami wabo. Ariko nihagira ugaragaza ubushake bwo kwegurira Yesu ubugingo bwe igihe icyo ari cyo cyose muri ibi byumweru birindwi bizaba ngombwa ko ubigisha uko bashobora kugira Yesu Umwami wabo hanyuma ubayobore babikore.**

GUTANGIRA UBUZIMA BUSHYA MURI KRISTO

Cyanditswe na
Christy A. Brawner

<u>“kuza kwa mbere n’ukwa kabiri kwa Yesu”-Isomo rya 1</u>
Matayo 1 na 24

“Nuko mube maso kuko mutazi umunsi Umwami wanyu azazaho…Nuko namwe mwitegure kuko igihe mudatekereza ari cyo Umwana w’Umuntu azaziramo.” Matayo 24:42, 44

*Niba bishoboka, buri wese mu itsinda uzi kwandika, ajye aza muri izi nyigisho azanye ikaye n’ikaramu.

Igihe Abaroma ari bo batwaraga isi, mu gihugu cya Isirayeli hariho umwari muto witwaga Mariya wari warasabwe n’umugabo witwaga Yosefu.Mariya rero aza gusama inda batarashakana, hanyuma Yosefu abimenye ashaka kumubenga. Ijoro rimwe rero yigira inama y’ukuntu yamubenga,ariko agashaka kubikora mu ibanga kugira ngo adakoza Mariya isoni mu maso ya rubanda.

Igihe yari akibitekerezaho,marayika w’Umwami Imana aramubonekera. Aramubwira ngo akomeze gahunda z’ubukwe ntareke kurongora umugeni we kuko atamuciye inyuma, ko ahubwo inda yasamye yayisamye mu buryo bw’ibitangaza kubw’Umwuka Wera. Marayika amubwira ko Mariya ari we uzabyara umwana wari warahanuwe kuva kera n’abahanuzi b’Abayuda. Uwo mwana ni we wari waravuzwe n’umuhanuzi Yesaya ati, “Dore umwari azasama inda kandi azabyara umuhungu, azitwa Imanweli, risobanurwa ngo, ‘Imana iri kumwe natwe’.”

Nuko Yosefu yemera ibyo marayika amubwiye, arongora umugeni we, ariko ntibigera bakorana imibonano mpuzabitsina kurinda bageza ubwo Yesu avuka;abyarwa rero n’umwari w’isugi nk’uko byari byarahanuwe.Yosefu yita uwo mwana Yesu.

Bibiliya yuzuye ubuhanuzi bwinshi bwerekeye ibyo kuza kwa Yesu.Kuvuka kwe byari byarahanuwe mu Isezerano rya Kera, ndetse n'iby'urupfu rwe byose uko bizagenda hamwe n'izuka rye. Yesu ubwe na we yavuze byinshi byerekeranye n'uwo ari we n'ibyo azakora. Bimwe mu byo Yesu yahanuye, ndetse n'ibindi byo mu Isezerano rya Kera ntibirasohora. Ubwo buhanuzi butubwira ko Yesu azongera akagaruka ku isi. Kuza kwa mbere kwa Kristo yavukiye ahantu horoheje kuko yaje nk'umugaragu w'umunyamibabaro. Ariko Bibiliya itubwira ko kuza kwe bwa kabiri bizaba bitandukanye cyane n'ibya mbere.

Yesu yabwiye abigishwa be ibyo kugaruka kwe igihe yabigishirizaga ku musozi wa Elayono. Ibyo yabibabwiye ubwo bari bamubajije bati, "Tubwire, ibyo bizaba ryari, n'ikimenyetso cyo kuza kwawe n'icy'imperuka ni ikihe?"

Yesu abasubiza ariko abanje kubihanangiriza: Ababwira ko bagomba kwirinda cyane ngo hatazagira umuntu ubayobya. Abasobanurira ko igihe cyo kugaruka kwe nicyegereza, abantu benshi bazaza bamwiyitirira. Bazavuga bati, "Ni jye Kristo" Ikibabaje ni uko abantu benshi bazizera abo bahanuzi b'ibinyoma. Kandi muri ibyo bihe hazabaho n'intambara nyinshi mu bihugu bitandukanye byo ku isi.Hazabaho ibyago bine biteye ubwoba: Intambara n'impuha z'intambara, inzara, indwara z'ibyorezo no guhinda imishyitsi kw'isi. Ariko ibyo bizaba ari intangiriro gusa, kuko hazaza n'amakuba aruta ayo mbere y'uko imperuka iba.

Kuko abantu bazagambanirana, bakicana, ndetse bakangana bitewe no kwizera Yesu.Hazabaho abahanuzi benshi b'ibinyoma bazagenda bayobya abantu.Ubugome/kutubaha Imana bizagwira n'urukundo rwa benshi ruzakonja.Ariko hagati y'ibyo byose,Inkuru nziza ya Yesu izakomeza ivugwe kugeza ubwo amahanga yose azumvira ibya Kristo, hanyuma imperuka ibone kuza.

Hazabaho umubabaro mwinshi n'ibyago byinshi mu isi yose.Kandi iyo Imana iza kureka ngo abantu bakomeze bakore ibyo bishakiye, nta n'umwe wasigaye twakwirimbuye ubwacu; ariko ku bw'abayoboke ba Kristo,Imana izagabanya iyo minsi y'ibyago n'umubabaro mu isi.

Ni cyo gituma rero udakwiye kwizera abahanuzi b'ibinyoma n'abiyita Kristo bazakwira hirya no hino bakora ibitangaza n'ibimenyetso bikomeye. Bazaba bagerageza gusa kureba ukuntu bayobya abantu; ndetse kugira ngo niba bishoboka,babe bayobya n'abeguriye ubugingo bwabo Yesu Kristo.

Ariko hanyuma, umunsi umwe, nk'uko umurabyo urabiriza mu bicu uhereye iburasirazuba ukagera iburengerazuba, ni ko no kuza k'Umwana w'Umuntu kuzaba. Hanyuma y'uwo mubabaro w'icyo gihe, izuba rizijima, n'ukwezi ntikuzava umwezi wako,n'inyenyeri zizagwa ziva ku ijuru, n'imbaraga zo mu kirere zizanyeganyega. UBWO NI BWO ikimenyetso cy'Umwana w'Umuntu kizabonekera mu ijuru, n'amoko yose yo mu isi NI BWO azaboroga abonye Umwana w'Umuntu aje ku bicu byo mu ijuru, afite ubushobozi n'ubwiza bwinshi.Azatumisha abamarayika be ijwi rirenga ry'impanda, bateranye intore ze mu birere bine, uhereye impera y'ijuru ukagera iyindi mpera yaryo.

Ariko nta muntu n'umwe uzi neza igihe ibyo bizabera.N'abamarayika bo mu ijuru ntibazi igihe Yesu azagarukira ku isi.Nta n'umwe, uretse Data, uzi igihe Yesu azagarukira.

“Nuko rero muhore mwiteguye, kuko igihe mudatekereza ari cyo Umwana w’Umuntu azaziramo.”

Ibibazo ubaza

1. Yesu yavukiye mu kihe gihugu?
2. Ababyeyi ba Yesu bo mu isi bitwaga ba nde?
3. Ni ikihe gitangaza mu kuza kwa mbere kwa Yesu aza mu isi?
4. Umuhanuzi Yesaya yari yarahanuye ko Yesu azabyarwa n’umwari kandi ko azitwa Imanweli, risobanurwa ngo “_____ _____ _____.”
5. Igihe Yesu yari kumwe n’abigishwa be ku musozi wa Elayono, ni ikihe kibazo bamubajije?
6. Yesu yababwiye kwirinda kugira ngo hatagira abantu bameze bate batazabayobya?
7. Yavuze ko abantu benshi bazaza biyita nde?
8. Yesu yavuze ibyago biteye ubwoba by’uburyo bune bizatera mu isi mbere y’uko agaruka. Ibyo ni ibihe? Inta_____, Inza_____, Indwa_____,n’imishyi_____.
9. Yesu yavuze ko abayoboke be bazababazwa bitewe n’uko bizera Kristo. Ni ibihe bimwe mu byo Yesu yavuze ko abantu bazagiranira?
10. Yesu yavuze ko abahanuzi b’ibinyoma bazaba bafite ubushobozi bwo gukora ibiki ku buryo n’abayoboke ba Yesu babeshywa?
11. Yesu yavuze ko kuza kwe kuzamera nk’iki gisanzwe kibaho mu kirere?
12. Yesu nagaruka, izuba , ukwezi, n’inyenyeri bizamera bite?
13. Ni ikihe kintu abamarayika bazavuza bagiye guteranya intore za Kristo?
14. Abantu b’Imana bazateranyirizwa he?
15. Ni nde wenyine gusa uzi igihe Yesu Kristo azagarukira?
16. Nkwiye kwifata nte, igihe haje umuntu wiyita Kristo cyangwa ukora ibitangaza ariko atabikora mu izina rya Yesu?

<u>Inyigisho zirimo- Isomo rya 1</u>
Matayo 1, 24

1. Nk'uko kuza kwa mbere kwa Yesu kwabaye kugira ngo ubuhanuzi busohore, ni na ko <u>azagaruka afite ubushobozi n'ubwiza bwinshi.</u> Hari amadini menshi y'ibinyoma, abahanuzi benshi b'ibinyoma, n'abandi bantu benshi biyita Imana. Yesu nagaruka ntawe uzamwitiranya. Bibiliya ivuga ko amavi yose azapfukama kandi ko indimi zose zizatura ko Yesu ari Umwami. Umuntu wese uzaza yiyita ko ari umuhanuzi mushya, cyangwa yiyita Kristo cyangwa yiyita imana azaba ari umuhanuzi w'ibinyoma; kandi azaba ari nta cyo ari cyo.

2. <u>Azateranya intore ze uhereye impera y'ijuru ukageza iyindi mpera yaryo.</u>
   - ❖ Yesu yari yarasezeranye ko azaza hanyuma koko arabisohoza. Dufite na none isezerano rye ry'uko azagaruka; na ryo azarisohoza. Isezerano rye ni uko azateranyiriza hamwe intore ze ZOSE; azabikora koko.
   - ❖ Iyo dusabye Yesu ngo aze mu bugingo bwacu, tukamwegurira imitima yacu, aduha isezerano ry'uko atazadusiga na rimwe cyangwa ngo adutererane. Ibyo bivuze yuko n'ubwo twakora ibyaha (kandi twese turabikora) Imana ari iyo kwizerwa izakomeza isezerano ryayo kuri twe. Icyatubaho cyose, cyangwa icyo twakora cyose, niba twareguriye ubugingo bwacu Yesu, ntakizabuza Yesu kutujyana mu ijuru kandi nagaruka tuzamusanganira mu bicu.

3. <u>Abantu b'Imana bazababazwa bazira Kristo.</u>

Bibiliya itubwira yuko, uko isi izagenda yegereza iherezo, ari ko abantu bazagenda barushaho kuba babi.Bazarushaho kwangana, bazarushaho kwicana, kandi bazarushaho no kugambanirana. Bibiliya itubwira ko abantu benshi bazanga abizera Yesu kandi bakabagirira nabi. Birashoboka ko hari abantu bagufashe nabi kuko wafashe icyemezo cyo gukurikira Yesu. Ubona abantu baratangiye kukwitwaraho bate kuva aho wakiriye Yesu mu mutima wawe? Haba hari se n'incuti zawe magara ndetse n'abo mu muryango wawe bakuvuyeho kubera ko wiyemeje gukurikira Kristo?

Bibiliya itubwira ko abo bantu tugomba kubakunda (Matayo 5:43-48).Tugomba gukunda abo batwanga ndetse bakanaduhemukira.Tugomba kubakunda tukanabasengera. Uko ni ko Yesu yagenje abamugiriye nabi bakanamugambanira; kandi kuba umuyoboke wa Kristo ni ugukurikiza urugero rwe rw'urukundo. Bibiliya kandi itubwira ko hari umugisha wihariye wabikiwe abababazwa cyangwa abarenganywa ku bwo gukurikira Kristo. Mu byukuri Bibiliya itubwira ko dukwiye kubyishimira kuko tuzabihererwa ingororano ikomeye.

- ➢ Reka dusoze uku guterana kwacu dusenga. Reka buri wese aduhe ubuhamya bw'ibyamubayeho kuva aho yakiriye Kristo. Twizere ko ari ibyiza byakubayeho, ariko wenda bishobora no kuba ari bibi. Mbese hari uwahuye n'ibibazo ku bwo kwakira Kristo? Reka mu itsinda twibuke gusengera uwo muntu.

- Ariko tutarasenga, abazanye amakaye cyangwa impapuro zo kwandikaho n'amakaramu babifate. Niba ufite ikaye, wandike izina rya buri muntu mu itsinda ku rupapuro rwihariye. Munsi ya buri zina ry'umuntu tuzajya twandikaho ibyifuzo bye byo gusengera. Tujye twibuka ibyifuzo bya buri muntu. Kandi twandike amazina y'abantu tuzi ko bakeneye kwakira Kristo. Duhererekanye ayo mazina twanditse kugira ngo dufatanye na bagenzi bacu mu rugamba rwo kurwanirira incuti zacu n'abacu.

- Ubwo tugiye gutangira iki cyumweru, mureke twiyemeze gusengerana buri munsi. Iyo kaye cyangwa urupapuro twanditseho amazina n'ibyifuzo by'abantu tubishyire mu byumba byacu turaramo, maze mbere y'uko turyama cyangwa tubyutse mu gitondo tubifate twibuke gusengerana.

- Reka dusoze aya materaniro yacu dushimira Imana ku bw'uko ari iyo kwizerwa igakomeza amasezerano yayo. Mureke tuyishimire ko yaje mu isi bwa mbere ije kudukiza ibyaha byacu kandi tuyishimire no ku bw'isezerano ryayo ryo kuza kwayo kwa kabiri. Mureke tuyisabe itubashishe tube abizerwa mu gusengerana buri munsi muri iki cyumweru tugiye gutangira.

GUTANGIRA UBUZIMA BUSHYA MURI KRISTO

Cyanditswe na
Christy A. Brawner

"Guhunga kwa Yesu ahungira muri Egiputa no kubatizwa kwe"- Isomo rya 2
Matayo 2-3

"Yesu amaze kubatizwa uwo mwanya ava mu mazi, ijuru riramukingukira abona Umwuka w'Imana amanuka asa n'inuma amujyaho, maze ijwi rivugira mu ijuru riti, "Nguyu Umwana wanjye nkunda nkamwishimira." Matayo 3: 16-17

Gusubiramo

1. Nyina wa Yesu yitwaga nde _____.
2. Umuhanuzi Yesaya yavuze ko Yesu azitwa Imanweli, risobanurwa ngo "Imana _____ _____."
3. Ku musozi wa Elayono igihe abigishwa babazaga Yesu ibyo kugaruka kwe, yababwiye ko bagomba kwirinda kugira ngo batabeshywa n' _____ _____.
4. Yesu yavuze ko benshi bazaza biyita _____.
5. Yesu yavuze ko ibyago bibi cyane bizatera isi yose, birimo nk'inta_____, inza_____, indwa_____ n'imishyi_____.
6. Yesu yavuze ko abayoboke ba Kristo nabo bazababazwa; kuki?
7. Yesu yavuze ko kuza kwe kuzamera nk'iki kijya kigaragara mu kirere?
8. Ni he abamalayika bazakoranyiriza abantu b'Imana?
9. Ni nde wenyine gusa uzi igihe Yesu azagarukira?
10. Nabyifatamwo nte igihe mpuye n'umuntu wiyita Kristo cyangwa akora ibitangaza ariko atabikora mu izina rya Yesu?
11. Nkwiriye _____ igihe hari ungiriye ampora Kristo.
12. Abangirira nabi bampora Kristo ngomba kuba _____.

Yesu yavukiye i Betelehemu maze aba ari ho aguma kugeza ubwo yasuriwe n'abanyabwenge baturutse iburasirazuba. Abo bantu bari baje muri Isirayeli baje

bakurikiye inyenyeri imurika cyane. Bakinjira intara y'Abayuda ya Yudaya babanje kujya mu murwa mukuru Yerusalemu. Bajya ku Mwami Herode bamubaza aho Umwami mushya wa Isirayeli yavukiye kuko babonye inyenyeri ye.

Herode na n'ab'i Yerusalemu bose barahungabana bumvise iyo nkuru,maze Herode ahamagaza inama rwihishwa y'abajyanama be mu by'idini. Abaza abo banyabwenge b'ibyanditswe, aho ibyanditswe bivuga ko Umwami w'Abayuda azavukira. Bamubwira ko ubuhanuzi buvuga ko uwo Mwana azavukira i Betelehemu.

Herode abwira rero ba banyabwenge aho bakwiye kujya. Ariko mbere y'uko bava iwe ababaza niba ari ryari neza neza batangiye kubona ya nyenyeri. Ibyo yari abibarije kugira ngo amenye niba uwo mwana angana iki.

Ba banyabwenge bakomeza urugendo rwabo bajya i Betelehemu, maze ya nyenyeri irabayobora ibageza neza ku nzu Yesu yari arimo. Ba banyabwenge barinjira baramuramya.Bamutura kandi amaturo y'igiciro kinini: izahabu n'imibavu ihumura neza. Mbere y'uko bahava ngo basubire iwabo, Imana irabasanga mu nzozi, ibabwira ko batagomba guca i Yerusalemu nk'uko Herode yari yabasabye ko bongera kuhaca bataha. Nuko banyura mu yindi nzira basubira iwabo.

Yosefu na we yongera kurota inzozi zivuye ku Mwami Imana. Muri izo nzozi yabwirwaga ko agomba guhita agenda akava aho hantu akajyana Mariya n'Umwana. Bagombaga kugenda bakajya muri Egiputa bakabayo kugeza igihe azongera kumvira icyo Imana imubwira. Yari yabwiwe ko Herode agiye kugerageza ukuntu yakwica Umwana. Ibyo rero byasohozaga ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera ngo; "Nahamagaye Umwana wanjye ngo ave muri Egiputa."

Koko rero Herode yatangiye gushaka uko yakwica uwo Mwana wari warasezeranywe. Nuko aragenda yica abana bose b'ababungu b'i Betelehemu no mu misozi yose iri bugufi bwaho, abafite imyaka ibiri n'abari munsi yayo.

Herode amaze gupfa, Yosefu yongera kugira izindi nzozi zimugira inama yo gusubira muri Isirayeli. Yosefu yumvira Imana. Aragenda ajya mu ntara iri mu majyaruguru ya Yudaya yitwa Galilaya, maze atura mu mudugudu wa Nazareti.

Muri iyo minsi hari umuntu witwaga Yohana Umubatiza wigishirizaga mu butayu bw'i Yudaya. Yabwirizaga avuga ati, "Mwihane kuko ubwami bwo mu ijuru buri hafi." Yohana yambaraga umwambaro w'ubwoya bw'ingamiya, awukenyeje umukandara w'uruhu. Ibyokurya bye byari inzige n'ubuki bw'ubuhura.

Ab'i Yerusalemu n'ab'i Yudaya yose, no mu gihugu cyose giteganye na Yorodani bose barahaguruka bajya aho ari, ababatiriza mu ruzi rwa Yorodani, batura ibyaha byabo. Kandi n'abayobozi b'amadini benshi, Abafarisayo n'Abasadukayo, na bo barazaga bakamutega amatwi. Abo bantu Yohana yabise, "Abana b'incira," kuko bari biringiye ko imigenzo yabo na gakondo y'amadini yabo ari yo ishobora kubakiza, ntibumve ko bagomba kwihana ibyaha byabo.

Yohana arimo arabwiriza avuga ko hari undi ugiye kuza kandi ko we azaza abatiza mu Mwuka Wera no mu muriro. Aravuga ati uwo ugiye kuza azatandukanya abantu mo kabiri, azikoranyirizaho abamwizera maze abandi abareke batwikwe n'umuriro utazima.

Icyo gihe Yesu ava I galilaya ajya kuri Yorodani, asanga Yohana ngo amubatize. Yohana ashaka kumuhakanira kuko yumvaga adakwiriye kuba yatinyuka

kubatiza umuntu umurusha ubutungane n’icyubahiro. Ariko Yesu arabimwemeza kuko yashakaga gusohoza gukiranuka kose.

Yesu amaze kubatizwa uwo mwanya ava mu mazi, ijuru riramukingukira abantu bose babireba. Maze Umwuka Wera amanuka asa n’inuma amujyaho, n’ijwi rivugira mu ijuru riti, "Uyu ni Umwana wanjye nkunda nkamwishimira."

Ibibazo ubaza

1. Ni abahe bantu baje gusura Yesu, kandi bamutuye iki?
2. Ni mu wuhe mujyi abo bantu babanje guca, kandi babonanyeyo na nde?
3. Kuki Imana yaburiye Yozefu ngo ahungire muri Egiputa ?
4. Yosefu yagiye he nyuma y'aho Herode apfiriye ?
5. Yohana Umubatiza yigishirizaga he ?
6. Yari ameze ate umurebesha amaso?
7. Ni ubuhe butumwa yabwirizaga abantu?
8. Byagendaga bite ku bantu baje kwatura ibyaha byabo?
9. Kuki Yohana Umubatiza yise Abafarisayo n'Abasadukayo "Abana b'incira?"
10. Yohana yigishije avuga ko hari uje inyuma ye umurusha gukomera. Yavuze ko uwo azatandukanya abantu bo mu isi. Ate?
11. Ni nde wavuye i Galilaya agasanga Yohana ngo amubatize ?
12. Yesu yemeje Yohana ko agomba kumubatiza n'ubwo Yohana we yumvaga adakwiriye.Ni iyihe mpamvu Yesu yatanze y'uko agomba kubatizwa?
13. Byagenze bite Yesu avuye mu mazi?

Inyigisho zirimo- Isomo rya 2

Matayo 2-3

1. Uburyo bumwe gusa bwonyine dushobora kwakira ibyiza Imana iduteganiriza ni ukuyigandukira n'umutima wacu wose.Imana yabwiye Yosefu gukora ibintu byinshi ubusanzwe atari gukora.Yumviye Imana maze arongora Mariya n'ubwo yari atwite.Yizeye Imana n'ubwo atasobanukirwaga iby'iyo nda Mariya atwite.Na none igihe babaga i Betelehemu Imana irababwira ngo nibimukire muri Egiputa. Egiputa cyari igihugu cy'amahanga aho bavugaga ururimi rw'amahanga batumva, n'imico yaho yari itandukanye cyane n'iyabo ndetse basengaga n'ibigirwamana.Uku kwimuka ntikwari koroshye ku muntu uri kumwe n'umugore n'umwana muto.Nyamara Yosefu yahisemo kumvira.Icyavuyemo ni uko ubugingo bwa Yesu bwarokotse.

   Nk'uko Imana yari ifite umugambi udasanzwe ku bugingo bwa Yosefu, ni nako ifite umugambi wihariye ku bugingo bwa buri wese muri twe. Bibiliya ivuga ko Imana yatumenye kuva tukiri mu nda za ba mama, kandi ko hari umugambi udasanzwe yaturemeye.Niba dushaka kwinjira mu migisha Imana yatubikiye twe n'abana bacu, tugomba kuyumvira cyane tukitondera amabwiriza iduha. Bibiliya ivuga ko Imana yifuza kuvugana n'umutima wa buri muntu muri twe igihe dusenga cyangwa dusoma ijambo ryayo.Ishaka kutuyobora ikatugeza ku bugingo bwuzuye kandi busagutse bubonerwa muri yo. Incuro nyinshi ivugana na twe igihe dusenga cyangwa dusoma Ijambo ryayo.Ivugana natwe ku bintu runaka, imyifatire runaka cyangwa se ibyemezo runaka tuba tugomba gufata. Tugomba kwiyemeza hakiri kare ko tuzajya twumvira Imana, n'iyo ibihe byaba bikomeye, nk'uko Yosefu yakoze.

   *Mbese hari ibyo Imana yaba irimo ikuganirizaho mu buzima bwawe? Hari ibyo yaba igusaba ko wahindura ariko bikaba bigukomereye kubihindura? Niba ari ko bimeze kandi ukaba wumva bitakugoye kubivuga wabibwira abandi muri kumwe mu itsinda.Noneho buri muntu akandika icyo cyifuzo munsi y'izina ryawe mu ikaye ye kugira ngo bajye bibuka kubisengera buri munsi mu cyumweru gitaha.Imana izaguha imbaraga- kandi irabishaka- zo kugira ngo wemere kugendera mu mugambi wayo ku buzima bwawe.

2. Yesu amaze kuzuka, mbere y'uko asubira mu ijuru, yaduhaye itegeko tugomba gukurikiza twese abamuyobotse. Reka twongere turebe amagambo Yesu yavuze bwa nyuma mbere y'uko asubira mu ijuru: "Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'Umwuka Wera, mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose.Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi." Muri izi nyigisho tuziga uko umuntu yagenda akabwira abandi ibya Yesu.Ariko hari itegeko tugomba kubahiriza twese kandi ni twe tugomba kubikora ubwacu kugira ngo twumvire ibyo Yesu yatubwiye. Tugomba kubatizwa mu izina rya Data wa twesse n'Umwana n'Umwuka Wera.

- Kubatizwa ni igikorwa cyoroshye cyo kumvira, umuntu akurikiza urugero rwasizwe na Kristo.Ni ukujyana mu mazi n'umuntu w'Imana hanyuma ukemera kwibizwa mu mazi akanya gato gusa ukiburuka.
- Yesu ntiyabatijwe ari uruhinja.Mu butumwa bwiza bwa Luka tubona ko Yesu bamujyanye mu rusengero ari uruhinja. Aho mu rusengero umutambyi yamusabiye umugisha; we n'ababyeyi be. Ariko ibyo ntabwo wari umubatizo.
- Kubatizwa kwe byabaye icyemezo yifatiye ubwe.Ntabwo ari ibintu ababyeyi be bamukoreye. Mu gukurikiza urugero rwa Kristo rero, twese tugomba kugenda ubwacu tugasaba umukozi w'Imana ko atubatiza.
- Uwo ntabwo ari umuhango w'idini ukwinjiza muri iryo dini ngo uryemerwemo . Si ibintu by'umwuka kandi bituma wuhagirwa ibyaha byawe.Ahubwo ni ikimenyetso cyo guhamya ku mugaragaro ko wiyemeje gukurikira Kristo. Bibiliya ivuga ko umubatizo ushushanya guhambanwa na Kristo kandi ukazukana na we. Iyo tubatijwe tuba twishushanyije no guhambwa kwa Yesu no kuzuka kwe.

*Wowe utekereza iki ku mubatizo? Ubona ko ari ibintu biruhije kubatizwa ugatera ikirenge mu cya Yesu Kristo? Urumva ukwiriye kubatizwa? Urifuza se kubatizwa?

GUTANGIRA UBUZIMA BUSHYA MURI KRISTO

Cyanditswe na
Christy A. Brawner

<u>"Kugeragezwa kwa Kristo"-Isomo rya 3</u>
Matayo 4

"Umuntu ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana." Matayo 4:4

Gusubiramo

1. Umuhanuzi Yesaya yavuze ko Yesu azitwa Imanweli, risobanurwa ngo, "Imana _____."
2. Yesu yavuze ko nagaruka ku isi amaso azamubonera rimwe mu bicu nko kurabya k'_____.
3. Yesu yavuze ko nagaruka ku isi, nta muntu uzazazanirwa ngo yibaze uwo ari we abe yamwitiranya n'undi kuko buri wese azamubona aje ku _____ afite ubushobozi n'ubwiza bwinshi.
4. Yesu yavuze ko najya kugaruka, hari benshi bazakora ibintu bitangaje cyane by'uburiganya biyita Kristo. Tugomba kuba maso tukirinda cyane kugira ngo tu_____ n'abo bahanuzi b'ibinyoma.
5. Yesu yavuze ko tugomba _____ iyo abantu baturenganya baduhora Yesu Kristo, kuko tutazabura ingororano. Yaravuze ngo abo bantu tugomba kubak_____.
6. Yesu yavuze ko umwe gusa uzi igihe azagarukira ku isi ari _____.
7. Umuntu wabaga mu butayu witwaga _____ _____ yabwirizaga ubutumwa bwo kwihana, yambaraga uruhu rw'ingamiya kandi yaryaga inzige.
8. Benshi barazaga bakabatizwa na Yohana kandi bakatura _____ byabo.
9. Yohana yaravuze uzaza hanyuma yanjye azavangura abantu batuye isi, kandi abamwirengagije bose bazacirwaho iteka bajugunywe mu _____ utazima.

10. Yesu yasanze Yohana amusaba ko amu_____ .
11. Yesu abatizwa, _____ _____ yamanutse ameze nk'inuma kandi n'_____ rivugira mu ijuru.
12. Mu magambo Yesu yavuze bwa nyuma agiye gusubira mu ijuru, yabwiye abigishwa be ko bagomba kuzajya ba _____ umuntu wese uzakira Kristo nk'Umwami.
13. Tugomba ku _____ atari uko _____ ibyaha byacu, ahubwo kuko ari ikimenyetso kidushushanya na _____.
14. Umubatizo ushushanya gupf _____, guh_____, no kuz_____ na Yesu.

Yesu amaze kubatizwa, Umwuka Wera yamujyanye mu butayu ngo ajye kugeragezwa na Satani.Yesu yamazeyo iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine atarya.Iyo minsi mirongo ine ishize arasonza. Icyo gihe ni ho Satani yamusanze aramubwira ati, "Niba uri Umwana w'Imana, tegeka maze aya mabuye ahinduke imigati." Yesu amusubiza akoresheje amagambo ari mu Isezerano rya Kera avuga ngo, "Umuntu ntatungwa n'umutsima gusa ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana."

Maze Satani amujyana mu murwa mukuru i Yerusalemu amuhagarika ku gasongero k'urusengero, aramubwira ati, "Niba uri Umwana w'Imana, ijugunye hasi kuko handitswe ngo: Izagutegekera abamarayika bayo bakuramire mu maboko yabo, kugira ngo udakubita ikirenge ku ibuye.'" Yesu yongera kumusubiza akoresheje amagambo yo muri Bibiliya aramubwira ati,"Ntukagerageze Uwiteka Imana yawe."

Umwanzi arongera amujyana mu mpinga y'umusozi muremure cyane, amwereka ubwami bwose bwo mu isi n'ubwiza bwabwo aramubwira ati,"Biriya byose ndabiguha nupfukama ukandamya." Yesu aramubwira ati,"Genda Satani! Kuko handitswe ngo,'Uramye Uwiteka Imana yawe, abe ari yo ukorera yonyine.'Umwanzi aherako yumvira itegeko rya Yesu, aragenda. Maze abamarayika basanga Yesu baramukorera.

Ibibazo ubaza

1. Umwuka Wera yajyanye Yesu hehe ngo ageragezwe?
2. Yesu yamaze iminsi mirongo ine akora iki, mbere y'uko Satani aza kumugerageza?
3. Mu bigeragezo bibiri bya mbere yagerageje guhinyuza ko Yesu ari nde?
4. Mu kigeragezo cya mbere Satani yagerageje Yesu ngo amabuye ayahindure iki?
5. Yesu yanesheje Satani ate mu kigeragezo cya mbere?
6. Mu kigeragezo cya kabiri, Satani yashakaga gukoresha iki Yesu ubwo yamujyanaga ku gasongero k'urusengero i Yerusalemu?
7. Yesu yanesheje ate Satani muri icyo kigeragezo cya kabiri?
8. Mu kigeragezo cya gatatu, Satani yasezeraniye Yesu ko amuha ubwami bwose bwo mu isi namukorera ikintu kimwe gusa. Icyo kintu ni iki Satani yashakaga ko Yesu amukorera?
9. Yesu yatsinze Satani ate muri icyo kigeragezo cya gatatu?
10. Yesu amaze kwirukana Satani, ni nde waje kumukorera?

Inyigisho zirimo- Isomo rya 3
Matayo 4

1. Ntituzabura guhura n'ibigeragezo, nubwo twaba tumaze guha ubugingo bwacu Kristo. Ariko twe aho bitandukanira n'ibya Kristo, ntiturinda kujya mu butayu kugira ngo tugeragezwe. Bibiliya itubwira ko tutageragezwa na Satani gusa, ahubwo n'ibyifuzo byacu ubwacu biratugerageza (Yakobo 1:14). Bibiliya kandi itubwira ko hari intambara z'urudaca ziba mu mitima yacu hagati y'ijwi ritubwira gukora ibitunganye n'irindi ritubwira gukora ibyaha. "Sinzi ibyo nkora kuko ibyo nshaka atari byo nkora, ahubwo ibyo nanga akaba ari byo nkora…. Kuko icyiza nshaka atari cyo nkora, ahubwo ikibi nanga akaba ari cyo nkora." Abaroma 7:15 na 19

2. Uzajya uhura n'ibigeragezo kubera ko ubu ufite kamere z'uburyo bubiri muri wowe. Imwe ni umwuka wa kamere y'umubiri indi ni Umwuka w'Imana (Umwuka Wera) ukubamo. Abagalatiya 5:16-17 haravuga ngo, "Ndavuga nti: Muyoborwe n'Umwuka, kuko ari bwo mutazakora ibyo kamere irarikira kuko kamere irarikira ibyo Umwuka yanga, kandi Umwuka yifuza ibyo kamere yanga kuko ibyo bihabanye,ni cyo gituma ibyo mushaka gukora atari byo mukora." Uzajya uhura n'intambara buri munsi ubushake bwawe burwana n'ubushake bw'Imana, haba mu byoroshye cyangwa ibikomeye by'imibereho y'ubu buzima.

3. Dushobora gutsinda ibigeragezo nk'uko Yesu yanesheje akoresha Ijambo ry'Imana. Abaheburayo 4:12 haravuga ngo, "Kuko ijambo ry'Imana ari rizima, rifite imbaraga kandi rikagira ubugi buruta ubw'inkota zose, rigahinguranya ndetse kugeza ubwo rigabanya ubugingo n'umwuka, rikagabanya ingingo n'umusokōro kandi rikabangukira kugenzura ibyo umutima wibwira ukagambirira.". *Uyu murongo uwusome wongere uwusubiremo incuro zirenze imwe. Ubaze abagize itsinda icyo batekereza kuri uyu murongo.*

Ijambo ry'Imana ntabwo ari igitabo cyanditsemo uko umuntu agomba kwifata gusa.Ni amagambo afite ubugingo Imana ikoresha ivugana n'umutima wa buri muntu muri twe ku buryo bw'umwihariko.Ryinjira cyane imbere mu bwigobeko bw'umutima bumenywa n'Imana yonyine.

Ikintu kimwe cy'ingenzi buri mukristo wese AGOMBA gukora ni ukugira akanya ko kwihererana na Data BURI MUNSI. Satani azakora uko ashoboye kugira ngo agutandukanye n'ijambo ry'Imana kuko azi neza ko ijambo ry'Imana ari ryo sōko y'imbaraga. Azakubwira ngo nta mwanya ufite, dore ufite n'inyigisho za Bibiliya urimo wiga, ufite ibitotsi byinshi ukeneye gusinzira, erega Bibiliya iragoye kumva; azakuzanira n'ibindi byinshi by'urwitwazo. Ariko tugomba kumenya ibyo bitekerezo ibyo ari byo: IBINYOMA. Tugomba kumenya ko muri gahunda zacu za BURI MUNSI igomba kubanza mbere y'izindi ari ukugira umwanya wo kwiherera mu ijambo ry'Imana no gusenga.

Hari gahunda yoroshye gukurikiza:

1. Mu gutangira umwanya wawe wo kwihererana na Data, utangire umubwira ukuntu umukunda kandi umuhimbarize ubwiza bwe n'uko ari.

2. Umushimire ibyiza byose yagukoreye mu buzima bwawe, n'amasengesho yawe yose yagiye asubiza.

*Ni byiza ko wagira ipaji cyangwa amapaji menshi mu ikaye yawe y'amasengesho ugenera kwandikaho amashimwe. Icyo gihande cy'amashimwe ushobora kucyita "Ndagushima" hanyuma ukajya wandikamo ibintu byose Imana igukorera;kandi buri gihe ujye wibuka kwandika itariki y'uwo munsi igize icyo igukorera.Bityo uzashobora kugira urwibutso rw'ukuntu Imana yagiye ibana nawe mu buzima bwawe.

3. Sengera abandi: abo mwigana inyigisho za Bibiliya, umuryango wawe, incuti zawe, cyane cyane abataramenya Kristo, n'ibindi byifuzo. Niba ufite abantu benshi bo gusengera, ushobora kugena amapaji runaka buri munsi noneho umuryango wawe n'incuti zawe ukabagabanya iminsi ku buryo buri wese uzajya umusengera rimwe mu cyumweru.

   Urugero:

<u>Kuwa mbere</u>	<u>Kuwa kabiri</u>
Masenge Rosa	Nyogokuru
Data wacu Kalisa	Mama
Umutoni	Papa
Shema	Pastor Bernardin

*Byaba byiza kuba duhagaze gato kugira ngo tubikorere hamwe, igihe cyacu cyo gusenga tukazagitangira tutabanje guta umwanya dukora iyi gahunda.

4. Soma kandi utekereze ku ijambo ry'Imana. Bibiliya itubwira ko tutagomba kuyisoma nk'uko dusoma ibindi bintu byose; ahubwo tugomba KUYITEKEREZAHO "tukayūza". Ni ukuvuga ko tugomba:
   - Gusoma twitonze.
   - Gusoma tukongera tugasubiramo kenshi tugerageza gutekereza cyane byimbitse ku byo amagambo asobanuye. Bishobora gusaba ko dusubiramo kenshi mbere yo kugera ku cyo Imana ishaka ko dushyikira muri ibyo byanditswe.
   - Iyerekezeho wowe ubwawe icyo ijambo rikubwira, ushyiremo izina ryawe. Urugero, niba umurongo uvuga ngo "Wubahe so na nyoko" mu kubyiyerekezaho niba witwa Ineza, urasoma ngo, "Ineza, wubahe so na nyoko."

- Usenge ukurikije uyu murongo wasomye, ushime Imana kubw'imigisha yose iguha hanyuma usengere n'ibindi byifuzo. Urugero, "Ndagushima Mana ku bwa papa na mama wampaye. Mana, ndagushima ko ari wowe Papa wo mu ijuru, ukaba unkemurira ibibazo byanjye byose, kandi ukambera aho papa wo mu isi atari."

Bibiliya irimo amabanga menshi y'umwuka Imana ishaka kutugezaho yerekeye imibereho yacu yo muri ubu bugingo. Dore urugero rw'ukuntu watekereza ku ijambo ry'Imana.

*Reka duhere ku gice gikurikira icyo twizeho uyu munsi, Matayo 5. *Reka dufate akanya ko kugira ngo buri muntu abanze asome imirongo itatu cyangwa ine ibanza. Niba hari utazi gusoma, umuyobozi amusomere amusubiriremo icuro nyinshi, ariko adasobanura.*

*Noneho buri wese agerageze gusobanukirwa icyo iyo mirongo ishatse kuvuga kandi niba bishoboka tugende dusimbuza dushyiramo amazina yacu, twiyerekezeho ibyanditsemo.Ntugire ubwoba bwo kureka ngo Umwuka w'Imana avugane nawe. Aha hari urugero, ariko birumvikana ko atari bwo buryo bwonyine uyu murongo wakoreshwa ku buzima bw'umuntu. Aya ni amagambo Uwiteka yambwiye igihe nasomaga iyi mirongo.

Umurongo wa 3: "Hahirwa abakene mu mitima yabo, kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo."

(Urugero rw'ibanga/inyigisho umwanditsi yakuyemo") Umurongo wa 3 Niba ndi umukene mu mutima ndahirwa, kuko nzaragwa ubwami bw'Imana.Mwami; mfasha kugira ngo mbe umukene mu mutima.Sinshaka kwishyira hejuru ngo ngire ubwibone cyangwa nishyire imbere.Urakoze Mwami, kubw'umurimo urimo urakora mu bugingo bwanjye. Urakoze Mwami, kuko nzi ko nzaragwa ubwami bw'Imana.Rwose ndi umunyamugisha.

Umurongo wa 4: "Hahirwa abashavura kuko ari bo bazahozwa."

(Urugero rw'inyigisho umwanditsi w'iki gitabo yakuyemo") Umurongo wa 4 "Birakomeye kugira ngo numve uko naba mpiriwe kandi nshavuye, kuko gushavura ni ibihe by'agahinda kenshi. Ariko nk'umuyoboke wa Kristo, ndashima Imana kuko nzi neza ko ndi umunyamugisha.Kuko hari ibyiringiro kuri twebwe abizera Kristo. Imana iduha ibyiringiro kandi ibyo ni ko guhozwa. Mwami ndagushima ko wahumurije ubugingo bwanjye igihe nari mu marira menshi kubera urupfu rwa mama. Warakoze ku bantu beza b'Imana wampuje nabo bakankomeza mu bihe by'agahinda.Urakoze kubw'Umwuka Wera wahumurije umutima wanjye. Nibyo Mwami ndabona ko jye nk'umukristo mba mpiriwe igihe nshavuye kuko mpozwa.Ndagukunda Mwami kuko unyitaho.

Nta mategeko runaka akurikizwa, nta magambo akoreshwa yateganijwe cyangwa uburyo bwihariye runaka bigomba gukorwamo.Icy'ingenzi gusa ni ugutekereza ku ijambo ry'Imana.Reka amagambo yinjire cyane imbere mu bugingo bwawe.Iyo yacengeye imbere mu bugingo bwawe, aho ni ho Imana izavuganira nawe ku byerekeye ibiri mu bwigobeko bw'umutima wawe.

Iyo umuntu akomeje kujya abikora bikaba akamenyero, agenda arushaho kugenda asa na Kristo mu buryo bwose.
Icyo gihe ntabwo umuntu agira ubushobozi bwo gutsinda ibigeragezo gusa, ahubwo arushaho no kugira urukundo no kurushaho gukora ibyiza mu mibereho ye yose.Kwimenyera Imana ku giti cyawe mukagirana ubusabane ni rwo rufunguzo rwo kuba umukristo ufite ubutsinzi.

*Ndakugira inama y'uko wafata igice giheruka mu ikaye yawe y'amasengesho ukakigenera gutekereza ku ijambo ry'Imana (meditation).Andika itariki buri gihe ubumbuye Bibiliya yawe, hanyuma wandike nibura inyigisho imwe Imana iguhaye. Rimwe na rimwe biroroha kurushaho iyo utekereza ku ijambo ry'Imana ari na ko urimo urandika ibitekerezo byawe, kandi biba byiza iyo usubiye inyuma ukongera gusoma ibintu byiza Imana yagiye ivugana n'umutima wawe. Ni ibihe byiza cyane byo kwihererana na Shobuja.

*Ndagusaba ko wafata icyemezo wowe n'itsinda ryawe cyo kugira ngo murangize icyumweru mufata nibura iminota cumi n'itanu buri munsi yo kwihererana na Data.Niba bishoboka, buri munsi wandike ikintu kimwe Imana ivuganye nawe.Niba utazi gusoma, urebe niba washobora kubona umuntu ugusomera nibura umurongo umwe ku munsi iki cyumweru gitaha, hanyuma urebe uko bigenda amagambo y'Imana nureka akinjira mu mutima wawe buri munsi.

*Reka twesse dukomeze gusoma iki gice twatangiye. Nta mpamvu yo gusoma huti huti ngo urangize igice mu munsi umwe.Nukirangiza uzafate n'ikindi, na cyo nukirangiza ujye ku gikurikiyeho, gutyo gutyo.Icyumweru gitaha twese tuzahane ubuhamya bw'uko byagenze turimo dutekereza ku ijambo ry'Imana.

GUTANGIRA UBUZIMA BUSHYA MURI KRISTO

Cyanditswe na
Christy A. Brawner

<u>“Kumara ubwoba Abarobyi b’Abantu”-Isomo rya 4</u>
Matayo 4-8

“Arababaza ati,‘Ni iki kibateye ubwoba, mwa bafite kwizera guke mwe.’ Maze arabyuka acyaha umuyaga n’inyanja, biratuza rwose.” Matayo 8:26

***Wowe nk’umuyobozi,ujye wibuka kubaza buri wese mu bagize itsinda ryawe niba yarashoboye gusoma Bibiliya ye no gusenga buri munsi. Uhe buri wese akanya ko kuvuga uko byamugendeye.Ubashimire ubatera ishyaka uko bagerageza gukurikiza gahunda.*

**Kandi bitewe n’imiterere y’inyigisho z’iki cyumweru, ni byiza ko abagize itsinda bakora gahunda yabo yo gusengera ibyifuzo byabo no gusengera abandi mu ntangiriro z’inyigisho aho kubikorabarangije inyigisho.*

Gusubiramo

1. Umuhanuzi Yesaya yavuze ko Yesu azitwa Imanweli, risobanurwa ngo, “Imana_____ _____.”
2. Ku musozi wa Elayono igihe Yesu yabwiraga abigishwa be ibyo kugaruka kwe, yababwiye ko bagomba kwirinda kugira ngo bata _____ n’abahanuzi b’ibinyoma cyangwa abantu biyita Kristo n’ubwo bazaba bashobora gukora ibitangaza.
3. Yesu yavuze ko ubwo azaba agarutse ku isi amaso yose azamubona aje ku_____ afite imbaraga n’ubwiza bwinshi.

4. Yesu yavuze ko nta wundi n'umwe uzi igihe azagarukira ku isi uretse_____ wenyine.
5. Yohana Umubatiza yabatirije mu butayu abantu benshi babaga baje kwihana_____ byabo.
6. Mbere y'uko Kristo azamuka asubira mu ijuru yasize atanze itegeko ko abazamwizera bose bagomba ku _____.
7. Yohana yavuze ko uje inyuma ye azavangura ab'isi, maze abataramwizeye bagacirwaho iteka ryo kujugunywa mu _____ utazima.
8. Mu bigeragezo bibiri bya mbere bya Yesu, Satani yashakaga ko akora ibitangaza bigaragaza ko ari _____.
9. Mu kigeragezo cya gatatu, Satani yashakaga ko Yesu apfukama akamu_____ .
10. Yesu yasubije Satani incuro eshatu akoresha _____ ry' _____.
11. Niba dushaka kurushaho kumenya Imana, tugomba kugira _____ cyo kwihererana nayo buri munsi.
12. N'ibihe bintu bibiri bikurwaniramo? umwuka wa _____ n'Umwuka w'_____.
13. Niba dushaka kunesha ibigeragezo tugomba kugira igihe cyo KWIHERERANA n'_____ buri munsi.
14. Niba dushaka kurushaho gusa na Kristo, ni ngombwa ko tugira igihe cyo KWIHERERANA na We _____.

Yesu yatangiye umurimo we ku mugaragaro agarutse avuye mu butayu. Yigishirizaga ahahereranye n'inyanja ya Galilaya, aba mu mudugudu wa Kaperinawumu. Aho yahigishirizaga ubutumwa nk'ubwo Yohana Umubatiza yigishaga avuga ati, "Nimwihane kuko ubwami bw'Imana buri bugufi."

Abigishwa ba mbere Yesu yabanje guhamagara ni Simoni Petero na Andereya. Aba bavandimwe bombi bari bari kumwe bajugunya inshundura zabo mu nyanja ya Galilaya bagerageza kureba ko hari ifi baroba.Yesu arabahamagara arababwira ati, "Nimunkurikire nzabagira abarobyi b'abantu."

Avuye aho arakomeza aragenda agera ku mugabo wari kumwe n'abahungu be babiri.Bari bicaye mu bwato bapfundikanya inshundura zabo.Ahamagara abo bahungu uko ari babiri ngo bamukurikire.Umwe yitwaga Yakobo undi Yohana; se yitwaga Zebedayo.

Nuko Yesu agenda ako karere kose yigishiriza mu masinagogi y'Abayuda, abwiriza ubutumwa bwiza bw'ubwami, akiza indwara z'uburyo bwose n'ubumuga bwose.Aramamara cyane ku buryo n'abo mu gihugu cya Siriya gituranye na Isirayeli bazaga ngo abakize.

Yesu abonye ko abo bantu bose bamukurikiye, ajyana n'abigishwa be arazamuka yicara ku musozi. Atangira kwigisha abigishwa be ababwira byinshi ku by'ubwami bw'Imana.

Abantu bategaga amatwi inyigisho za Yesu kandi bagatangarira ubutware yari afite.Nta n'umwe wari warigeze kumva undi muntu wigishanya ubutware atyo.

Yesu amanutse avuye ku musozi, abantu benshi bari bamutegereje kugira ngo bamukurikire aho yajyaga hose.Umuntu wari urwaye ibibembe araza abaza Yesu niba yakwemera kumukiza uburwayi bwe.Uwo mwanya ibibembe bye birakira. Undi muntu wari umusirikare w'Umuroma asaba Yesu ngo amukirize umugaragu waremaye akaba aryamye mu rugo.Yesu akiza wa mugaragu.

Yesu ajya kwa Simoni Petero kuko nyirabukwe wa Petero yari yarembye arwaye ubuganga.Yesu amukora ku kuboko ubuganga bumuvamo, ahita abyuka agaburira abo mu rugo bose.

Yesu agumaho aho akomeza gukiza abantu indwara yirukana n'abadayimoni benshi uwo mugoroba wose.Ariko Yesu abonye ko ikivunge cy'abantu kimugose, ategeka abigishwa be ko baza bakava aho bakambuka bakajya hakurya y'inyanja ya Galilaya.

Ijoro ryari rimaze kugwa ubwo bikiraga mu bwato ngo bajye hakurya y'inyanja.Bageze hagati mu nyanja umuyaga uba mwinshi, ubwato bwabo burengerwa n'umuraba wisuka muri bwo. Abigishwa, kandi abenshi muri bo bari abarobyi, bamenya akaga barimo; nuko bagira ubwoba bwinshi.Nyamara Yesu we yari yasinziriye ntiyarushya akanguka.

Abigishwa bakuka umutima maze batangira gukangura Yesu bavuga bati, "Databuja, dukize turapfuye!" Yesu arababaza ati, "Ni iki kibateye ubwoba, mwa bafite kwizera guke mwe?" Maze arabyuka acyaha umuyaga n'inyanja biratuza rwose. Abigishwa baratangara cyane bati,"Uyu ni muntu ki? Umuyaga n'inyanja na byo biramwumvira !"

Ibibazo

1. Ni ubuhe butumwa Yesu yabwirizaga abantu?
2. Abigishwa babiri ba mbere ba Yesu bitwaga nde?
3. Umwuga w'abo bigishwa ba mbere wari uwuhe?
4. Kuki abantu bashakaga cyane kureba Yesu bamukurikira hose?
5. Kuki abantu batangariye cyane ukuntu bumvise yigishiriza kuri wa musozi?
6. Yesu amanutse ku musozi yakijije umuntu wari ufite uburwayi bukomeye. Ubwo burwayi bwari ubuhe?
7. Hanyuma yakijije n'umugaragu w'umusirikare w'umuroma. Uwo mugaragu yari afite kibazo ki?
8. Hari umuntu Yesu yakijije wari ufitanye isano na Petero. Ni iyihe sano?
9. Kuki Yesu yafashe icyemezo cyo kugira ngo bambuke bajye hakurya y'inyanja ya Galilaya?
10. Yesu mu bwato yakoze iki?
11. Kuki abigishwa ba Yesu bagize ubwoba?
12. Kuki Yesu yabatonganyije?
13. Abigishwa babyifashemo bate babonye ukuntu Yesu afite ububasha bwo guturisha n'umuyaga ukamwumvira?

Inyigisho zirimo- Isomo rya 4
Matayo 4-8

1. Yesu araduhamagarira TWESE kuba "abarobyi b'abantu." Umudendezo dufite muri Kristo ni ikintu Yesu adutegeka ko twasangira n'abandi batuye ibihugu byose byo mu isi, buri mujyi na buri mudugudu. Ayo ni yo magambo yavuze bwa nyuma abwira abigishwa be mbere y'uko asubira mu ijuru. Mu cyumweru cya nyuma cy'izi nyigisho tuziga ukuntu umuntu yabwira abandi neza ibyo kwizera Yesu. Nyamara abenshi muri twe usanga bafite ubwoba bwo kuba banabwira abandi ibya Kristo. Tukibwira ibintu nk'ibi ngo, "ariko se jyewe ndi nde, n'intege nke zanjye, nashobora nte kugira uwo nemeza gukurikira Kristo? Kandi se niba ndamutse nshoboye no kugira uwo nemeza, ko mba mu gace gato gusa k'isi, ubwo ni gute Kristo yantegerezaho kuzahindura ibintu mu bindi bice by'isi?"

   Bibiliya itwereka ko n'ubwo waba uzi kuvuga cyane uri intyoza itarigeze kuboneka mu isi, utashobora kugira umuntu wemeza gukurikira Yesu. Ubwo wahaga ubugingo bwawe Kristo, si umuntu wakoze ku mutima wawe, ahubwo kubaho k'Umwuka Wera ni ko kwagusunikiye ku kwihana. Yohana 16:8 haravuga ngo,"Ubwo azaza azatsinda ab'isi, abemeze iby'icyaha n'ibyo gukiranuka n'iby'amateka."

   Twebwe umurimo wacu nk'abarobyi b'abantu, ni ugutega inshundura z'ubuzima bwacu tugashyiramo ifi zose Umwuka Wera azaduhuza.

   Intambwe ya mbere mu kubwira abandi ibyo kwizera Kristo ni ukubabwira icyo yakoze mu bugingo bwawe. Ubwo buryo babwita gutanga "ubuhamya"." Ubundi "ubuhamya" ni ijambo rikoreshwa mu rukiko. Abagabo/abatangabuhamya bahamya ibintu bemeza ko ari ukuri, ibintu biboneye n'amaso bakabihagararaho. Abantu bashobora kujya impaka bakavuga ko uri umusazi, ko ibyawe ntawabyizera, ariko nta narimwe bashobora guhakana ibyo wiboneye n'amaso kandi wahagazeho.Hano hari umwitozo tugomba gukorera hamwe.
   - Buri wese asubize amaso inyuma atekereze uko yari ameze mbere y'uko amenya Kristo.
   - Hanyuma wibuke uko wahuye na Yesu bwa mbere.
   - Wibuke cya gihe Umwuka Wera yinjiye mu mutima wawe, ugahera ko umenya ko Yesu ari Imana kandi ukumva ko umukeneye mu mu bugingo bwawe.
   - Wibuke ukuntu wafashe icyemezo cyo kwegurira Yesu ubugingo bwawe.
   - Hanyuma wibuke ukuntu Kristo yahinduye ubugingo bwawe.
   - Noneho tumaze gucisha mu bitekerezo izo ntambwe zose, buri wese akurikirane n'undi twese duhane ubuhamya mu itsinda. NI NGOMBWA CYANE KO UBUHAMYA BUTARENZA IMINOTA 3.

*Kandi na none igihe kirageze cy'uko nk'itsinda dutangira gushyigikirana, muri wa mwanya wacu wo kwihererana n'Imana, tugasengera abantu Imana itwereka ko

bakeneye kwakira Yesu, bashobora kuba ari abo dukorana ku kazi dukora cyangwa se abo twigana. Hashobora kuba hari n'abo musangiye isano ba hafi mu muryango batarakira urukundo rw'Imana. Mufatanye gusengera abo bantu. Buri wese yandike mu ikaye ye y'amasengesho abantu buri wese muri bagenzi be yavuze.Ibi buba ari uburyo bw'itsinda rigerageza gukorera hamwe mu kuzana abantu kuri Kristo.

*Ariko kandi ntitwibagirwe abantu bo mu bindi bihugu bya kure. Ni inshingano yacu kubasengera na bo.

*Igitekerezo twakungura umuyobozi- Ahari wenda wowe cyangwa pasitori wawe mwaba muzi umumisiyoneri/umuvugabutumwa runaka wagiye kwigisha mu kindi gihugu cyangwa mu kindi gice cy'igihugu utuyemo. Byaba byiza, mwebwe nk'itsinda, mutangiye gusengera uwo mukozi w'Imana, mugasengera umuryango we ndetse n'abo bafatanyije umurimo. Mujye mubikora buri cyumweru mu itsinda mu gihe cyagenewe amasengesho yo kwingingira abandi muri izi nyigisho. Kandi mu itsinda mwitoremo umuntu wakwandikira uwo mumisiyoneri amubaza ibyo yaba akeneye ku buryo bw'umwihariko hamwe n'ibyifuzo byo gusengera. Mubisengere kandi mushakashake uburyo isinda ryanyu ryafasha mu kugeza Inkuru Nziza ya Yesu ku bantu ba kure hirya no hino mu isi. Mubanze muganire kuri ibyo bintu mbere y'uko mujya ku nyigisho ya kabiri iri muri iri somo.

2. <u>Yesu ntiyatonganyije abigishwa abahora ko bamukanguye ngo acyahe umuyaga, ahubwo yabatonganyije abahora ko bagize ubwoba</u>. Abigishwa barebye uko umuyaga umeze, kandi kuko bari bamenyereye iby'inyanja bakamenya imiyaga, babonye ko uwo muyaga uje ari mubi. Icyo bari batarakamenyera ni imbaraga z'Imana zari mu bugingo bwabo. Bari bataramenya ko Imana iri muri bo iruta imiyaga yose ibaho; kandi ko iyo Mana yicaranye na bo muri ubwo bwato.

Mfite umukobwa w'umwaka n'igice utangiye kugenda yitegereza ibintu bimukikije.Ariruka hose mu nzu akayijagajaga, agafungura akabati, amasahani n'amasafuriya n'ibindi byose ashobora gushyikira akandagaza hasi. Umugoroba umwe twari ku bantu b'incuti zacu dusangira ku meza,nawe yari hasi aho yikinira ibye, maze ikibwa cyabo kinini cy'igikara na cyo kiraza kinnyogannyoga buhoro kinjira aho twariraga.Agakobwa kanjye ako kanya karavuduka uko utuguru twako dushoboye kose, kaza kavuza induru ngo, "Mama!" Nuko ndamuterura ndamwiyegereza, hanyuma umutima we usubira mu gitereko ari mu maboko yanjye.Kuki?Kuko yari azi ko mukunda, yizeraga neza ko ngomba kumwitaho nkamurinda.Byatwaye iminota mike kugira ngo yongere gutekana neza, ndetse atangira no kurambura akaganza ke ashaka gukorakora ya mbwa.

Uhereye igihe tweguriye ubugingo bwacu Yesu duhita duhinduka abana b'Imana.Ni yo murinzi wacu.Ni yo bwugamo bwacu kandi ni yo bwugamo bw'abana bacu. Iradukunda kandi igihe hagize ikidutera ubwoba, dukwiye guhita

tuyihungiraho.Iyo turi mu maboko yayo itumara ubwoba.Nta bwoba tugira igihe buri munsi twibera munsi y'amababa yo kumvira Yesu Kristo.

Hari umugabo uvugwa mu Isezerano rya Kera witwa Dawidi.Yanyuze mu bibazo bikomeye no mu bihe biteye ubwoba bitewe n'Umwami witwaga Sawuli wahigaga ubugingo bwe ashaka kumwica.Uko Dawidi yagendaga arushaho kumenya Imana no kuyegera, yanditse imivugo myinshi yitwa "zaburi". Ni imivugo yahumetswe n'Imana kugira ngo yigishe abantu iby'Imana.Iyo mivugo igera ku 150; ntabwo yose ari iya Dawidi, ariko yose iri mu Isezerano rya Kera. Yanditse Zaburi nyinshi zerekeye ubwoba, ariko natoranyijemo imwe kugira ngo tuyisome tunayitekerezeho muri iki cyumweru- ni Zaburi ya 27. Uzayisome mu gihe cyawe cyo gusenga muri iki cyumweru. Niba utagira Bibiliya irimo Isezerano rya Kera, narayikwandikiye nyigushyirira muri aka gatabo.Usabe Imana ikwigishe kwiyambura ubwoba bwawe bwose ubushyire hasi maze uzamukire mu maboko yayo y'urukundo n'umutekano.

*Murangize iki cyumweru musenga; ariko noneho buri muntu wese ashake uwo basengana, ibyaba byiza ni uko baba abahuje igitsina.Mubwirane ibintu bijya bibatera ubwoba cyane mu bugingo bwanyu.Hanyuma musengerane kuri ibyo bibatera ubwoba, mubivuge mubyature imbere y'Uwiteka.Saba Imana kugira ngo ivaneho ubwoba ibusimbuze kuyizera.Bwira Imana icyifuzo cyawe cy'uko ushaka gushyira ibyiringiro byawe byose muri yo, n'iyo byaba ibintu biteye ubwoba cyane.

Zaburi 27

Uwiteka ni we mucyo wanjye
n'agakiza kanjye,
Nzatinya nde?
Uwiteka ni we gihome gikingira
ubugingo bwanjye,
Ni nde uzampinza umushyitsi?
Ubwo abanyabyaha bantereraga
kumaraho,
Ari bo banzi banjye n'ababisha
banjye,
Barasitaye baragwa.
Naho ingabo zabambira amahema
kuntera,
Umutima wanjye ntuzatinya,
Naho intambara yambaho,
No muri yo nzakomeza umutima.
Icyo nsaba Uwiteka ni kimwe ni
cyo nzajya nshaka,
Ni ukuba mu nzu y'uwiteka iminsi
yose nkiriho,

Nkareba ubwiza bw'Uwiteka,
Nkitegereza urusengero rwe.
Kuko ku munsi w'amakuba
azandindisha kumpisha mu
ihema rye,
Mu bwihisho bwo mu ihema rye ni
ho azampisha,
Azanshyira hejuru ampagarike ku
gitare.
N'ubu umutwe wanjye uzashyirwa
hejuru y'abanzi banjye
bangose,
Ntambire ibitambo by'ibyishimo
mu ihema rye, ndirimbe,
Ni koko nzaririmba ishimwe
ry'Uwiteka.
Uwiteka, umva gutaka kw'ijwi
ryanjye,
Umbabarire, unsubize.
Umutima wanjye urakubwiye uti
"Wavuze uti 'Nimushake mu maso
hanjye'"
Nuko Uwiteka, mu maso hawe
ndahashaka.
Ntumpishe mu maso hawe.
Ntiwirukanishe umugaragu wawe
umujinya.
Ni wowe wahoze uri umutabazi
wanjye,
Mana y'agakiza kanjye
ntunjugunye, ntundeke.
Ubwo data na mama bazandeka,
Uwiteka azandarūra.
Uwiteka, ujye unyigisha inzira
yawe,
Unyobore inzira y'igihamo ku
bw'abanyubikira.
Ntumpe abantera kunkora uko
bashaka,
Kuko abagabo b'indarikwa
bampagurukiye,
N'abavuga iby'urugomo.
Mba nararabye iyo ntizera ko
nzarebera kugira neza
k'Uwiteka,

Mu isi y'ababaho.
Tegereza Uwiteka,
Komera umutima wawe uhumure,
Ujye utegereza Uwiteka.

GUTANGIRA UBUZIMA BUSHYA MURI KRISTO

Cyanditswe na
Christy A. Brawner

"Urukundo-Ni yo ntego y'umurimo wa Kristo mu isi"-Isomo rya 5
Matayo 8-10

"Abonye abantu uko ari benshi arababababarira,kuko bari barushye cyane basandaye nk'intama zitagira umwungeri." Matayo 9:36

**Mbere y'uko mutangira iri somo, gerageza kureba niba ari bangahe bagiye bagira umwanya wo kwihererana na Kristo. Ntabwo ugomba kugira uwo ugaya cyangwa ngo umunegure, ahubwo mu rukundo mukomezanye kugira ngo mugume mu ijambo ry'Imana buri munsi.Ubahamagarire gukomeza gusoma igitabo cya Matayo kugeza bakirangije neza. Ubabaze niba barashoboye gusengera abantu bari banditse ku rutonde rw'abakeneye kwakira Kristo.Urebe niba buri wese yarashoboye gutanga ubuhamya bwe muri icyo cyumweru.*

Gusubiramo

1. Umuhanuzi Yesaya yavuze ko Yesu azitwa Imanweli, risobanurwa ngo "Imana_____ _____."
2. Yesu yavuze ko nagaruka ku isi, buri wese azamubona aje ku _____ mu mbaraga z'ubushobozi bwe n'ubwiza bwinshi.
3. Yesu yavuze ko nta n'umwe uzi igihe cye cyo kugaruka ku isi uretse_____.
4. Yohana yabatirije benshi mu butayu bazaga kwihana _____ byabo.
5. Yohana yavuze ko uje inyuma ye azavangura abatuye isi, maze abamwanze bagacirwaho iteka ryo gutabwa mu _____ utazima.

6. Yesu yasubije Satani gatatu akoresha _____ ry'Imana.
7. Niba dushaka kwegera Imana cyane tugomba kugira akanya ko kwihererana nay o buri _____.
8. Yesu yaduhamagariye twese kuba "_____ b'abantu."
9. Yesu yarimo akora iki mu bwato igihe cya ya nkubi y'umuyaga?
10. Kuki abigishwa bagize ubwoba?
11. Yesu yatonganyije abigishwa kuko bagize _____ kandi batamwizeye.
12. Bibiliya itubwira ko niba tuba munsi y'amababa yo kurindwa kwa Yesu tudakwiriye kugira _____.

Yesu n'abigishwa be bamaze kwambuka inyanja ya Galilaya muri wa muyaga uteye ubwoba, bahura n'abantu babiri batewe n'abadayimoni. Abo bantu bari bafite amahane menshi kandi babaga mu masenga y'imva.Ako kanya umwe atangira gutaka cyane abwira Yesu ati, "Duhuriye he, Mwana w'Imana?Mbese uje hano kutwica urupfu n'agashinyaguro, igihe cyacu kitaragera?"

Hirya yabo gato hari abashumba baragiye umugana w'ingurube nyinshi zirisha hafi y'inkombe z'inyanja. Abadayimoni binginga Yesu ngo niba ashaka kubirukana ngo bave muri abo bantu, abohereze muri uwo mugana w'ingurube. Yesu abemerera avuga ati, "Nimugende!" Nuko abadayimoni binjira muri za ngurube, zihera ko ziruka nk'izisaze zitagira rutangira, zicuncumukira ku manga ziroha mu nyanja zirapfa.

Abashumba bahita biruka bajya mu mudugudu babwira abantu bose ibyabaye kuri ba bantu bari baratewe n'abadayimoni n'ibyabaye ku ngurube zabo. Abatuye uwo mudugudu baraza binginga Yesu ngo abavire mu karere agende.Yesu yikira mu bwato asubira i Galilaya.

Ageze Galilaya bamuzanira umuntu wamugaye. Yesu akiza uwo muntu ubumuga bwe kandi amubabarira n'ibyaha yakoze. Ababibonye baratangara cyane bahimbaza Imana, ariko Abafarisayo bo babona ko yigereranije, ndetse ko ari nko gutuka Imana.

Yesu yigiye imbere ahura n'umukoresha w'ikoro witwaga Matayo. Aramuhamagara ngo amukurikire, uwo mwanya ahera ko aramukurikira. Yesu aragenda ajya gusangira na Matayo n'abandi bakoresha b'ikoro n'abandi bantu bavugwagaho ingeso mbi mu mudugudu. Abafarisayo babonye abo bantu Yesu asangira nab o, babaza abigishwa ba Yesu impamvu akora ibintu nk'ibyo. Yesu arabasubiza ati "Icyo nkunda ni imbabazi si ibitambo."

Nuko Yesu ava aho aragenda yiyegereza abantu b'ingeri zose. Hari undi muntu wari umutware. Uwo mugabo yari yapfushije umukobwa we. Yesu ageze muri urwo rugo rurimo ikiriyo/icyunamo, afata ukuboko kwa wa mukobwa wapfuye aramuzura.

Yahumuye impumyi ebyiri zamukurikiranaga zimwinginga ngo azikize.Yakijije umuntu wari ikiragi kandi yaratewe na dayimoni; yirukana abo badayimoni umuntu arakira atangira no kuvuga neza.

Yitegereza ibibazo abantu bafite abagirira impuhwe. Ubukene bwari bwinshi cyane; abantu bari bameze nk'intama zitagira umwungeri. Abwira abigishwa be ati,

“Ibisarurwa ni byinshi, ariko abasaruzi ni bake.Nuko rero mwinginge nyir’ibisarurwa yohereze abasaruzi mu bisarurwa bye.”

Maze yohereza abigishwa be hose mu gihugu cya Isirayeli.Abaha ububasha bwo gukemurira abantu ibibazo bafite byose; intego yabo kwari ukugira ngo babagezeho urukundo rwa Yesu. Kandi yabahaye amabwiriza yihariye ngo bagende bashake abantu bafite umutima wo gushaka gutega amatwi Inkuru Nziza ya Kristo. Arababwira ngo nibabona abantu nk’abo, babasigire amahoro y’Imana mu ngo zabo. Ariko ababurira ko hari benshi bazanga kubakira bakanga n’amagambo yabo.

Arababwira ati, “Dore mbatumye muri nk’intama hagati y’amasega, mugire ubwenge nk’inzoka, kandi muzabe nk’inuma mutagira amahugu.” Arababwira ngo ntibahagarike umutima ku byo bashobora gukena by’imibereho isanzwe. Kuko Data uzi n’umubare w’umusatsi uri ku mitwe yacu afite ububasha ku bintu byose kandi turi ab’agaciro kanini imbere ye.

Nuko arangiza kubihanangiriza mbere y’uko abohereza ngo bagende arababwira ati, “Kandi uzanywesha umwe muri aba bato ku gacuma k’amazi akonje gusa, kuko ari umwigishwa wanjye, ndababwira ukuri y’uko atazabura ingororano ye.”

Ibibazo

1. Yesu yahuye na nde amaze kwambuka inyanja ya Galilaya igihe bahuraga n'umuyaga mubi ari kumwe n'abigishwa be?
2. Abo bagabo babiri bari bafite kibazo ki?
3. Yesu yabakoreye iki?
4. Kuki za ngurube zijugunye mu nyanja?
5. Kuki abatuye uwo mudugudu basabye Yesu ngo abavire mu karere?
6. Yesu yakoreye iki wa muntu wari umugaye?
7. Kuki Abafarisayo bavuze ko Yesu yigereranyije, ndetse atutse Imana?
8. Umukoresha w'ikoro Yesu yasanze aho ari akamuhamagara ngo amukurikire yitwaga nde?
9. Kuki Abafarisayo baneguye Yesu n'abari kumwe na we basangira?
10. Yesu yabasubije ngo iki?
11. Yesu yakoreye iki wa mukobwa w'umutware?
12. Yesu yakoreye iki ba bantu b'impumyi?
13. Wa muntu w'ikiragi Yesu yamukijije ate? Byari byaramugendekeye bite?
14. Yesu yohereje abigishwa be ngo bajye gukora iki?
15. Yesu yabwiye abigishwa be ngo bagire ubwenge nk' _____ kandi ngo bazabe nk' _____ batagira amahugu.
16. Yababwiye ko batagomba guhagarika umutima ku byerekeye iki?
17. Yaravuze ngo Imana izi n'umubare w' _____ dufite?
18. Yarababwiye ngo nihagira umuntu ukora n'akantu gato gusa, nko guha abantu runaka ikirahuri cy'amazi, ngo uwo muntu ntazabura ingororano. Abo bantu runaka yavugaga ni bande?

Inyigisho zirimo-Isomo rya 5
Matayo 8-10

1. Yesu yita kuri buri muntu wese. Yita ku bantu batewe n'abadayimoni, abarwayi, abakene, abatunzi, n'abana ku buryo bw'umwihariko. Buri muntu wese ni uw'agaciro kandi afite akamaro mu bwami bw'Imana!!!

2. Abantu ntabwo ari buri gihe bita ku bandi. Abantu bari batuye wa mudugudu bamaze kubona ibya ba bandi bari baratewe n'abadayimoni, bababajwe n'ingurube zabo ku buryo basabye Yesu ko yabavira aho akagenda. Uburyo bwose Yesu yari yafashijemo bariya bantu akabatabara nta cyo byari bibabwiye. Bari bibabarijwe n'igihombo cy'imitungo yabo. Biroroshye cyane kurutisha abantu amafaranga. Ikibabaje ni uko usanga abenshi muri twe bagwa muri uwo mutego. I Timoteyo 6:10 haravuga ngo, "Kuko gukunda impiya ari umuzi w'ibibi byose, hariho abantu bamwe bazirarikiye barayoba, bava mu byo kwizera bihandisha imibabaro myinshi." Ushobora no kuba wibuka amagambo Yesu yavuze muri Matayo 6:19-21 aho yavuze ati, "Ntimukībikire ubutunzi mu isi, aho inyenzi n'ingese ziburya, kandi abajura bacukura bakabwiba. Ahubwo mwibikire ubutunzi mu ijuru, aho inyenzi n'ingese zitaburya, n'abajura ntibacukure ngo babwibe, kuko aho ubutunzi bwawe buri ho n'umutima wawe uzaba." Amafaranga agira imbaraga. Ashobora kudutegeka, ariko dushobora kuyaha Uwiteka, maze we akaba ari we utwitegekera.
    - Ibaze uti ariko amafaranga yanjye nyakoresha nte buri cyumweru? Byaba byiza ubyanditse.
    - Ibaze ikibazo uti ese uburyo nkoresha amafaranga yanjye bihesheje Yesu icyubahiro?
    - Mbese hari ibintu ngura cyangwa nkoresha amafaranga bidahesheje Imana icyubahiro? Mbese ubwo nti hari abo mbabaza mu mikoreshereze yanjye y'amafaranga? Mbese mfasha abandi mu buryo nkoresha amafaranga yanjye?

   Mu Isezerano rya Kera Imana yasabaga ko buri muntu wese ayiha 10% by'ibyo atunze. Mu Isezerano Rishya dusabwa kwegurira Uwiteka ubugingo bwacu n'ibyo dutunze byose.Ariko mu buryo bw'imigenzo yamenyerewe, twakurikije Isezerano rya Kera, tugatanga mu murimo w'Imana cyangwa mu Itorero 10% y'imitungo twunguka.Ibyo byitwa icyacumi. Tangira rero ubu usenge, ni amafaranga angahe Imana ishaka ko utanga mu murimo wayo? Bibiliya itubwira ko Imana iha umugisha abantu bagira icyo batanga kugira ngo Ubwami bwayo bwaguke. Na none Bibiliya ikatubwira ko Yesu azatumara ubukene bwacu bwose. Ushobora kuba urimo wibaza uti , "Ariko se ubu Imana ishobora kumenya ubukene mfite uko bungana?" "Imana ishobora kumva umwenda nafashe ukuntu ari munini? " Yesu na we mu isi yavukiye mu muryango ukennye cyane. Yesu

asobanukiwe cyane ibibazo by'ubukene, ariko ashaka ko tuba abizerwa tukumvira ibyo adusaba gukora byose.Senga ubaze Imana uruhare ukwiye kugira mu gushyigikira umurimo wayo mu buryo bw'umutungo.

3. Kuba umuyoboke wa Kristo ni ugukurikiza urugero rwe no gukunda abandi nk'uko yabigenje. Birumvikana ko tutashobora gufasha abantu nk'uko Yesu yabikoze, ariko na n'ubu Yesu aracyakiza abantu indwara zabo n'ubumuga bwabo. Tugomba gukomeza kujya dusengera abarwayi. Tugomba kubegera cyane tukababa hafi mu bihe by'ububabare bwabo. Tugomba kubabwira uko Yesu abakunda. Tugomba gusengera abatewe n'abadayimoni. N'ubu Yesu aracyirukana abadayimoni mu isi yose binyuze mu gusenga kw'abantu be. Tugomba gusengera abakene kandi tukabafasha. Tugomba gukora icyo twashobora gukora cyose mu buryo bwo kubafasha ku bijyanye n'imibereho isanzwe, ariko cyane cyane tukababwira urukundo rwa Kristo ushobora kubahindura imbere mu mitima yabo. By'umwihariko tugomba gufasha abana. Yesu yategetse abigishwa bye gukora ibyo byose, ariko atanga isezerano ry'ingororano y'umwihariko ku muntu uzafasha abana bato.

4. Abantu bamwe usanga bitoroshye kubakunda, ariko Imana ishaka ko tugira impuhwe. Abakoresha b'ikoro ntabwo bari bakunzwe muri iyo minsi kandi bitewe n'impamvu yumvikana cyane. Bakoreraga Leta mbi yamunzwe na ruswa bakagenda baka abantu amafaranga, kandi abenshi muri bo basoreshaga abantu amafaranga arenze ayategetswe kugira ngo babone ayo bishyirira mu mifuka yabo. Kugaragariza urukundo umuntu wakunyaze ibyawe si ikintu cyoroshye, cyane cyane iyo ari umuntu udashaka no gusaba imbabazi z'ibyo yakoze. Ariko Yesu atubwira ko twebwe nk'abayoboke be tudakwiriye gucira abo bantu ho iteka, n'ubwo byaba bigaragara neza ko bari mu cyaha. Inshingano yacu ni ukubasengera, kubakunda, no kubereka ukuri ku byerekeye imbabazi z'Imana. Nibihana ibyaha byabo na bo bazahabwa imbabazi zitagabanyije z'Imana. Bibiliya ivuga ko twese turi abanyabyaha bakwiriye gucirwaho iteka. Bibiliya ivuga ko twababariwe tukagirirwa impuhwe, natwe rero tugomba kugaragariza abandi imbabazi n'impuhwe, n'ubwo ari ibintu bisa n'ibidashoboka kuri twebwe atari imbaraga z'Imana zidukoreyemo.

5. Ibyo isi ikeneye birakomeye cyane; ntitwabyishoboza twenyine.Hari miliyoni z'abantu batarigera bamenya urukundo rwa Kristo. Hari miliyoni z'abantu batarigera babona umuntu n'umwe ubereka urukundo. Hari miliyoni z'abantu biteguye kwegurira Yesu ubugingo bwabo bakamenya urukundo rwe, haramutse hari umuntu ubasobanuriye akababwira uko babigenza. Tugomba gukora icyo dushoboye gukora, ariko kandi tugomba no gusenga tugasaba Imana ikohereza abandi bantu bafasha abantu benshi kumenya urukundo rw'Imana.

6. Ushobora kwerekana urukundo ufitiye Imana na bagenzi bawe mu gutanga icyacumi mu murimo w'Imana ubicishije mu Itorero usengeramo. Imana ikoresha iryo Torero ryawe mu gufasha abantu mu bibazo byabo by'umwuka, iby'umubiri

ndetse n'ibibazo byo mu buryo bw'ibyiyumviro. Imana ikoresha icyacumi cyawe mu gufasha Itorero kuzuza inshingano zaryo.

Ibibazo byo kubazwa mu biganiro- mpaka

1. Ni mu buhe buryo, mu mibereho yanjye n'aho ntuye, nashobora kugaragariza abandi urukundo rw'Imana?
2. Ni ubuhe bukene bukomeye cyane abantu bari hafi yanjye bafite? Ni ubuhe bubabare bubangamiye abantu b'aho ntuye?
3. Nafasha nte abantu babaye b'aho mba?
4. Nagaragariza nte urukundo rw'Imana abana by'umwihariko?
5. Ni mu buhe buryo nshyira imbere amafaranga nkayarutisha abantu mu buzima bwanjye?
6. Mbese nubahisha Imana ubutunzi bwanjye?
7. Ni gute nakwereka abo tubana impuhwe z'Imana mu bugingo bwanjye?

**Na none ubu ni ubundi buryo bwiza bwo kuganira ukuntu umuvugabutumwa (misiyoneri) wajyanye ubutumwa mu kindi gihugu yaterwa inkunga no gusengera abantu bo mu kindi gihugu runaka bataragerwaho n'ubutumwa bwiza bw'urukundo rw'Imana.*

GUTANGIRA UBUZIMA BUSHYA MURI KRISTO

Cyanditswe na
Christy A. Brawner

"Ubugambanyi no kubabarirwa"-Isomo rya 6
Matayo 21-27:10

"Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose." I Yohana 1:9

Gusubiramo

1. Umuhanuzi Yesaya yavuze ko Yesu azitwa Imanweli, risobanurwa ngo, "Imana _____ _____."
2. Yesu yavutse ko nta n'umwe uzi igihe cye cyo kugaruka ku isi keretse_____.
3. Yohana yabatije abantu benshi mu butayu bazaga kwihana _____ byabo.
4. Yesu yasubije Satani incuro eshatu akoresha _____ ry'Imana.
5. Niba dushaka kurushaho kwegera Imana, tugomba kugira akanya ko kwihererana na yo _____.
6. Yesu yaduhamagariye twese kuba "_____ b'abantu."
7. Yesu yagaragarije abantu urukundo _____ indwara zabo.

8. Yesu yagiriye abantu impuhwe cyane kuko yari abonye _____ bwabo bwinshi.
9. Yesu yabwiye abigishwa be ngo bajye mu bantu bose, ariko ngo bagire ubwenge nk' _____ kandi batagira amahugu nk' _____.
10. Yesu yavuze ko azi n'umubare w' _____ wo ku mitwe yacu.
11. Yaravuze ngo nihagira umuntu uha umwana ikirahure gusa cy'amazi, ngo uwo muntu ntazabura _____ ye.
12. Yesu yabwiye abigishwa be igihe ubwato bwahuraga n'umuraba ngo ntiba_____.

Yesu yigishirije mu ntara ya Galilaya, ahabwiriza ubutumwa bwiza kandi ahakiriza abantu benshi indwara, nyamara hari n'abandi benshi banze kwemera amagambo ye.Yesu yasobanuriye abigishwa be ko ibyo na byo byari byasohozaga umugambi w'Imana kuko yahisemo guhisha ibyayo abanyabwenge n'abahanga ikabihishurira abana bato.

Igihe yari yarabwiye abigishwa be mbere hose kirasohora. Cyari igihe cye cyo kujya i Yerusalemu kugira ngo ajye kubabazwa mu buryo bwinshi n'abatambyi bakuru n'abakuru b'Abayuda, ngo apfe kandi azuke mu bapfuye.

Kwinjira kwe mu murwa i Yerusalemu byari ibintu bikomeye cyane.Abantu bari batonze imirongo bakikije umuhanda impande zombi, bakajya bajugunya imyambaro yabo n'amashami y'imikindo mu muhanda babimusasira ngo abigendeho. Uko yagendaga abacaho ahetswe n'indogobe ni ko barangururaga bati, "Hoziyana mwene Dawidi, hahirwa ūje mu izina ry'Uwiteka! Hoziyana ahasumba hose! "

Yesu yamaze iminsi myinshi yigishiriza mu rusengero i Yerusalemu,abwiriza kandi akiza abantu benshi indwara.Ariko yakomeje guhangana n'Abafarisayo n'Abasadukayo bamugishaga impaka cyane bamurwanya.

Yuda Iskariyota, umwe mu bigishwa ba Yesu, asanga abatambyi bakuru aramugambanira abemerera ko bamuhaye amafaranga yamubagezaho bakamukoresha icyo bashaka.Bamuha ibice by'ifeza mirongo itatu. Arabyakira.

Mu ijoro ry'umunsi mukuru wa Pasika, ari wo munsi mukuru ukomeye cyane mu Bayuda, Yesu yicarana n'abigishwa be basangira ifunguro rya nyuma. Bafungura, Yesu afata umugati baryaga arawumanyura aravuga ati, "Nimwakire murye, uyu ni umubiri wanjye. " Hanyuma afata n'ikirahure cya divayi agishimira Imana arangije aravuga ati, "Munywere kuri iki mwese: kuko aya ari amaraso yanjye y'isezerano rishya, ava ku bwa benshi ngo babarirwe ibyaha."

Barangije gufungura, abigishwa bose bajya ku musozi wa Elayono. Aho ni ho Yesu yababwiriye ko bose ibye biri bubagushe. Petero ariko arabihakana cyane avuga ko we n'ubwo byagenda bite bidashobora kumugusha ngo ahemukire Umwami we. Yesu amuhanurira ko bitari bumugushe gusa ahubwo ko ndetse isake itarabika muri icyo gitondo ari bube amaze kumwihakana gatatu.

Bavuye aho, Yesu ajyana n'abigishwa be i Getsemani maze akesha ijoro asenga.Yari afite agahinda kenshi kenda kumwica kubw'ibyo yabonaga bigiye kumubaho. Asaba abigishwa be ko bakomeza gusengana na we, ariko bose batsindwa n'ibitotsi barasinzira.Baje kwikangura gusa igihe Yuda yari ahageze ari kumwe n'abatambyi n'abantu baje kujyana Yesu.

Yuda yegera Yesu aramusoma ariko ikimenyetso cyo kumugambanira amwereka abaje kumufata. Abatambyi bakuru basumira Yesu bamujyana kwa Kayafa ari we wari umutambyi mukuru icyo gihehe.Abigishwa bahita bahunga bava i Getsemani.

Igihe Yesu yari mu nzu acirwa urubanza na Kayafa n'abandi bayobozi, Petero yari hanze mu rugo. Igihe yari yicaye aho, umuja aramwegera aravuga ati, "Nawe wari kumwe na Yesu w'Umunyagalilaya." Petero arabihakana.Aragenda yigira ku bikingi by'amarembo hanyuma undi mukobwa na we w'umuja amubonye amushinja ko ari kumwe na Yesu.Petero arongera arabihakana, noneho agerekaho n'indahiro. Nyuma gato abandi bantu begera Petero bamushinja ko ari kumwe na Yesu. Maze noneho atangira kwivuma no kurahira ati, "Uwo muntu simuzi!" Ako kanya isake irabika, maze Petero yibuka amagambo ya Yesu ku musozi wa Elayono.Arasohoka arirana umubabaro mwinshi.

Umuseke utambitse abatambyi bakuru bajyana Yesu kwa Pilato ngo yicwe. Yuda abonye ko Yesu aciriwe urwo gupfa aricuza agerageza gushaka gusubiza abatambyi bakuru bya bice by'ifeza mirongo itatu. Arababwira ati, "Nakoze icyaha kuko nagambaniye amaraso atariho urubanza. " Ariko baramusubiza bati, " Biramaze! Ni ibyawe ." "Yuda ifeza azijugunya mu rusengero, arasohoka, aragenda, arimanika. "

Ibibazo

1. Umugambi w'Imana ni uguhisha ukuri abanyabwenge n'abahanga ikaguhishurira ba nde?
2. Yesu yakiriwe ate igihe yari yinjiye mu murwa wa Yerusalemu?
3. Kuki Yuda yagiye kureba abatambyi bakuru, kandi ni iyihe mpamvu bamuhaye ibice by'ifeza mirongo itatu?
4. Yesu asangira n'abigishwa be ifunguro rya Pasika rya nyuma yababwiye ko uwo mugati n'iyo divayi ari ibintu bidasanzwe. Mu buhe buryo?
5. Yesu yababwiye ko amaraso ye agomba kumeneka. Kubera iki?
6. Ku musozi wa Elayono Yesu yabwiye abigishwa be ko ibye biri bubahemuze. Petero ibyo yarabihakanye. Hanyuma Yesu hari icyo yavuze kiri bube kuri Petero by'umwihariko, ni ikihe?
7. Yuda yakoresheje ikihe kimenyetso cyo kugambanira Yesu ngo bamufate?
8. Petero yari ari he ubwo abakuru b'idini barimo bacira Yesu urubanza?
9. Abakobwa babiri b'abaja begereye Petero mu bihe bitandukanye hanyuma bagira ibyo bamushinja. Ni ibiki bamushinjaga?
10. Ku ncuro ya gatatu abantu benshi baraje bemeza ko Petero yari kumwe na Yesu. Petero yabashubije iki?
11. Ni ryari Yuda yicujije kuba yagambaniye Yesu?
12. Kuki yasubiye kujya kureba abatambyi bakuru?
13. Yuda yakoze iki igihe abatambyi bakuru bari bamaze kwanga gusubizwa ya mafaranga bari bamuhaye ngo agambanire Yesu?

Inyigisho zirimo- Isomo rya 6
Matayo 11-27:10

1. Yesu asangira n'abigishwa be ifunguro rya nyuma yatangije umugenzo ukurikizwa n'abakristo mu isi yose uhereye icyo gihe kugeza uyu munsi. Uwo mugenzo witwa Ifunguro Ryera. Ifunguro Ryera si ikintu cy'igitangaza kidasanzwe gikuraho abantu ibyaha cyangwa ngo kigire ikindi kintu kidasanzwe gikora mu mibiri yacu. Nta n'ubwo ari umwanya w'umwihariko aho umugati usanzwe n'umutobe (juice)/Fanta bihinduka nko mu buryo bwa maji ngo bibe umubiri n'amaraso bya Yesu. Ni igihe abizera Kristo baterana bakarya umugati bakanywa na divayi bibuka igitambo Yesu yatanze ku musaraba. Ni igihe cyo kwibuka ikiguzi Yesu yatanze yishyurira ibyaha byacu. Ni igihe cy'ibyishimo n'amashimwe twishimira hamwe imbabazi yaturonkeye atanze ubugingo bwe. 2 Abakorinto 11:23-33 havuga ko ari igihe gikomeye atari igihe cyo gukerensa ngo umuntu yifate uko yishakiye. Ni igihe cyo gutekereza neza ku gitambo yadutangiye no kwitekerezaho ubwacu tukisuzuma tukareba niba ubuzima bwacu bubereye icyo yadukoreye ku musaraba.

2. Imana imenya ibishobora kudutsinda na mbere y'uko bitubaho, kandi ntibiyibuza gukomeza kutwemera no kudukoresha mu bwami bwayo. Uhereye mbere igihe Yesu yahamagaraga Petero ngo abe "umurobyi w'abantu", yari azi ko muri ririya joro Petero azamwihakana. Ariko uko dukomeza dusoma Bibiliya zacu tuza kubona ko mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa Imana yakoresheje Petero kugeza abantu ibihumbi kuri Kristo. Ndetse muri Bibiliya harimo ibitabo bibiri byanditswe na Petero. Mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa igice cya 2, nyuma gato Yesu amaze gusubira mu ijuru, tubona aho Petero abwiriza ubutumwa i Yerusalemu imbere ya ba bandi nyine yari yatinye cyane muri rya joro yihakanagamo Yesu.

   Kandi na none gutsindwa kwacu ntabwo bitungura Imana. Na nyuma y'aho tumariye kwakira Kristo, tuzahura n'ibitugusha.Tuzakora ibyaha; tuzamuhemukira; tuzakora ibyo tutifuzaga na gato gukora.

3. None se twakora iki igihe dutsinzwe tugahemuka ku Mana?

   Hari abantu babiri bahemutse kuri Kristo muri ririya joro.Umwe ni Petero, umugabo wihakanye Kristo, ariko amaherezo Imana ikaza kumukoresha cyane. Undi ni Yuda na we wahemutse ku Mana, ariko we hanyuma akiyahura. Abantu benshi baribeshya bakibwira ko icyatumye Petero anesha akagaruka mu nzira naho Yuda agatsindwa ari ukubera ko ubuhemu bwa Yuda ari bwo bwari bubi cyane.Ntabwo ari byo. Bibiliya ivuga ko TWESE turi abanyabyaha.Twese duhemukira Imana kandi dukwiye igihano cy'iteka ryose kubera ubuhemu bwacu. Ariko se niba ibi ari ukuri, ikosa rikomeye Yuda yakoze ni irihe?
   -Yuda ntabwo yihannye ibyaha bye ngo ashake imbabazi z'Imana.

Hari abantu benshi babimenya muri bo ko bakumva ko bakoze nabi igihe bakoze icyaha.Abantu benshi usanga babazwa cyane n'ibyo bakoze mu bugingo bwabo bitari byiza bakicuza cyane.Hari ababa barakoze ibintu bibi cyane ku buryo baba bumva n'Imana itabibababarira. Bibiliya itubwira ko ibyo ATARI BYO.

I Yohana 1:9 haravuga ngo, "Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa KOSE."

Ibi bishatse kuvuga ko iyo umuntu:

- Aje ku Mana
- Akayibwira ibyo yakoze
- Akihana
- Agasaba Imana kumubabarira ibyo byaha
- IMANA NI IYO KWIZERWA, IBABARIRA UWO MUNTU ICYO ARI CYO CYOSE-N'UBWO CYABA ARI ICYAHA GIKABIJE GITE, IGITAMBO YESU YATANZE KU MUSARABA KIRAHAGIJE KUGIRA NGO KIGIKUREHO.

Ibi kandi bishatse kuvuga ko nk'abakristo tudakwiye kwiheba na rimwe ngo twumve ko twatsinzwe dukomeza kwibuka ibyaha bya kera Imana yamaze kutubabarira. Ntidukwiye guhora ku nkeke yo kwicira urubanza ku bintu Kristo yarangije no kwibagirwa.Petero yihannye ibyaha bye hanyuma abasha gukoreshwa n'Imana. Natwe dushobora kwihana ibyaha byacu hanyuma Imana ikadukoresha ibikomeye.

Yuda mu by'ukuri yari afite ububi mu mutima we.Ni ibintu bibi cyane kugambanira incuti magara, ugatuma uwo muntu apfa urupfu rubi kandi ari umwere rwose nta cyaha kimubarwaho. Nyamara ibiri ukuri ni uko Imana yari igifite umugambi ku bugingo bwa Yuda. Na Yuda yari kugirirwa imbabazi n'Imana. Igitambo cya Yesu atanga ubugingo bwe ku musaraba cyari gikomeye bihagije ku buryo na Yuda yababarirwa. Iyo aza kuza gusa agasanga Yesu ; ahubwo yararetse kwiciraho iteka bitegeka ubugingo bwe, kugeza ubwo byamurenze maze ahitamo gushyira iherezo ku buzima bwe.

4. Yesu yabwiye abigishwa be ko <u>isezerano hagati yacu n'Imana cyangwa se igihango, ribeshwaho n'uko amaraso ye yamenetse ku musaraba kugira ngo tubabarirwe ibyaha.</u> Ntacyo twakoze kugira ngo tubabarirwe ibyaha. Iyo tumaze kwakira Yesu mu mitima yacu, nta kintu na kimwe twakora cyatuma dutakaza izo mbabazi. Abefeso 1:13b-14 haravuga ngo, "kandi mumaze kwizera, ni we wabashyizeho ikimenyetso, ni cyo Mwuka Wera mwasezeranijwe, uwo twahaweho ingwate yo kuzaragwa wa murage, kugeza ubwo abo Imana yaronse izabacungura, ubwiza bwayo bushimwe." Yohana 3:16 havuga ko ufite "ubugingo buhoraho". Iyo Kristo yamaze kwinjira mu mutima wawe ntaba akivuyemo ukundi. Uba ukijijwe kugeza iteka ryose uhereye ubwo. Bibiliya ivuga ko tugomba kwibuka igitambo Kristo yadutangiye tukitandukanya n'ibyaha.

Tugomba gukora uko dushoboye mu mibereho yacu ya buri munsi tukamugandukira rwose. Ariko 1 Yohana 2:1 hatwibutsa ko turamutse dukoze icyaha tugomba kwibuka utuye muri twe. Tugomba kwibuka ko Yesu ari mu bugingo bwacu nk'Umurengezi wacu kuri Data wa twese. Ni we mpongano y'ibyaha byacu.

Ikiganiro

1. Utekereza iki kuri Petero na Yuda?
2. Ijambo, "imbabazi" rikubwira iki?
3. Wari wigera wumva umutima ugucira urubanza cyane ku bw'ibyaha byawe kugeza ubwo wumva umeze nka Yuda?
4. Ntubivuge ngo usohore ijwi, ariko se waba warakoze ikintu kibi cyane ku buryo wumva bikomeye kugira ngo wakire imbabazi za Kristo mu bugingo bwawe?
5. Ni ayahe magambo Yesu akubwira icyo gihe? Buri wese asubiremo cyangwa asome azamuye ijwi 1 Yohana 1:9

Buri wese yunamishe umutwe we hanyuma abwire Imana ibiri ku mutima we.Niba hari icyaha ucyature.Usabe Imana igukureho ijwi riguciraho iteka.Saba Imana mu mbabazi zayo nyinshi igutandukanye n'icyo cyaha mu buryo bushoboka bwose.Atura weruye ko igitambo cya Yesu ku musaraba gihagije kugira ngo ubabarirwe icyaha cyawe.Uko kuri kwakire ukugire ukwawe.

*Birashoboka ko nyuma, Satani yaza akagerageza kukugabaho ibitero akuzanira ibitekerezo byo kugushinja biguciraho iteka.Ibyo bitekerezo NTIBITURUKA ku Mana. Ibitekerezo nk'ibyo ntabwo ari ukwicuza kuzima ahubwo ni ukwicuza kutari ko kw'ibintu Imana yarangije kubabarira.Nutangira kugira bene ibyo byiyumviro byo gucirwaho iteka bidafite ishingiro, ku bintu wamaze kubabarirwa n'Imana, banza ureke ibindi wari urimo maze usenge. Vuga uti,

> "Ndagushima Yesu kuko wambabariye ibyaha (ibyaha byature ubivuge mu izina).Mwami ndagushima kuko igitambo cyawe gihagije kugira ngo nanjye nshobore kubabarirwa.Nizeye amaraso yawe, kandi ndagusabye ngo uvane mu mutima wanjye ibi bitekerezo bibi bikomeza kunshinja ."

Imana ni iyo kwizerwa izabikora. Iyo usenze Imana buri gihe uko Satani aguteye, ntibitinda arekeraho ntiyongere kujya agutera, noneho ukagira umudendezo bya bitekerezo biguciraho iteka bikagenda burundu.Dufite kunesha kuzuye muri buri ruhande rwose rw'ubuzima bwacu muri Kristo!

GUTANGIRA UBUZIMA BUSHYA MURI KRISTO

Cyanditswe na
Christy A. Brawner

"Kubambwa kwa Kristo"-Isomo rya 7
Matayo 26-27

“Ijambo ry’umusaraba ku barimbuka ni ubupfu; ariko kuri twebwe abakizwa, ni imbaraga z’Imana.” I Abakorinto 1:18

Gusubiramo

1. Umuhanuzi Yesaya yavuze ko Yesu azitwa Imanweli risobanurwa ngo, “Imana _____ _____.”
2. Yesu yavuze ko nta wundi muntu n’umwe uzi igihe cye cyo kugaruka ku isi keretse _____.
3. Yohana yabatirije abantu benshi mu butayu babaga baje kwihana _____ byabo.
4. Yesu yasubije Satani incuro eshatu akoresha _____ ry’ _____.
5. Niba dushaka kurushaho kwegera Imana no kunesha ibigeragezo, tugomba kugira akanya ko _____ na yo _____.
6. Yesu yahamagariye abigishwa be kuba “_____ b’ _____.”
7. Yesu yabwiye abigishwa be kutagira _____ kuko ari kumwe na bo.
8. Yesu mu gihe cye yamaze ku isi _____ mu masinagogi, _____ iby’Ubwami bw’Imana, kandi _____ abantu indwara zabo.
9. Yesu yabwiye abigishwa be kugenda bakagera ku bantu bose, ariko ko bagomba kugira _____ nk’inzoka kandi batagira amahugu nk’ _____.
10. Yesu yavuze ko azi n’umubare w’ _____ wo ku _____ yacu.
11. Ku musozi wa Elayono Yesu yavuze ko isake itarabika _____ ari bumwihakane gatatu.
12. _____ ni we mwigishwa wagambaniye Yesu ku bice by’ifeza mirongo itatu.
13. _____ yihannye ubuhemu bwe hanyuma yaje gukoreshwa n’Imana cyane.

14. _____ yababajwe cyane n'ibyo yari yakoze hanyuma aragenda ariyahura.
15. Bibiliya itubwira ko "_____ ibyaha byacu, ari yo yo kwizerwa kandi ikiranukira ku_____ ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa _____."

Igihe petero yari ari mu rugo kwa Kayafa, Yesu yari mu nzu imbere bamushinja ibyaha by'uburyo bwose by'ibinyoma. Nta na kimwe cyari gifite ishingiro ku buryo cyamuhama.Yesu yaretse abamushinja barakomeza baramubeshyera ntiyarushya abumbura n'akanwa ke ngo yiregure. Kayafa amaze kubona bimuyobeye ntacyo agezeho abwira Yesu ati, "Tubwire niba uri Kristo, Umwana w'Imana ihoraho!"

Noneho Yesu akura ururimi mu kanwa aravuga ati, "Wakabimenye; kandi ndababwira yuko hanyuma muzabona Umwana w'umuntu yicaye iburyo bw'ubushobozi bw'Imana, aje ku bicu byo mu ijuru ."

Iki cyari ikimenyetso gihagije kuri Kayafa, nuko ashishimura imyambaro ye ashinja Yesu ko yigereranije, atutse Imana.Bafata Yesu bamucira amacandwe mu maso, bamukoza isoni, bamwe bamukubita ibipfunsi abandi bamukubita inshyi.

Umuseke utambitse, abatambyi bakuru n'abakuru b'ubwo bwoko baramufata baramuboha bamushyira Pontiyo Pilato, umutegeka w'Umuroma wategekaga intara ya Yudaya.Umutegeka abaza Yesu ati, "Ni wowe mwami w'Abayuda ?" Asubiza ijambo rimwe gusa ati,"Wakabimenye." Abatambyi bakuru bakomeza kumushinja ibintu byinshi, ariko na none Yesu aricecekera ntiyarushya abasubiza ijambo na rimwe ryo kwiregura.Umutegeka atangarira uburyo Yesu yicecekera gusa. Maze amaze kubona ko nta cyaha na kimwe gihama Yesu agerageza gushaka uburyo yamurekura ngo yigendere amahoro.

Kuko icyo gihe cyari igihe cy'iminsi mikuru ya Pasika, umunsi mukuru uruta iyindi mu Bayuda, kari akamenyero ka Pilato uko umwaka utashye ko kubohorera abantu imbohe imwe, iyo bashakaga.Uwo mwaka rero azanira abantu imbohe ebyiri ngo bahitemo. Umwe yari umugizi wa nabi ruvumwa witwaga Baraba undi yari Yesu. Abaza abantu uwo bashaka ko abohora. Abantu kuko bari bohejwe n'abatambyi bakuru, bose basabira hamwe ko abohora Baraba naho Yesu akabambwa.Pilato atera hejuru arababaza ati, "Kuki, yakoze cyaha ki?" Igisubizo cyabo baravuze gusa ngo , " Nabambwe!" Nuko Pilato abonye ko arushywa n'ubusa, ahubwo barushijeho gushega, batacyumva ikintu na kimwe, yemera ibyo bamusabaga aravuga ati, "Jyeweho nta cyaha kindiho ku bw'amaraso y'uyu mukiranutsi: birabe ibyanyu."Abantu bose baramusubiza bati,"Amaraso ye natubeho no ku bana bacu." Pilato ababohorera Baraba ategeka ko bakubita Yesu imikoba nyuma amwohereza mu rukiko ku kicaro cye gikuru aho bagombaga gukomeza kumwica urubozo.

Aho mu rukiko, bamucuza imyambaro ye yose, bamwambika igikanzu gitukura.Baboha ikamba ry'amahwa barimwambika mu mutwe, bamuha n'urubingo mu kuboko kwe kw'iburyo.Abasirikare bamushungirwaho cyane bakajya bamucira mu maso.Baramupfukamira byo kumushinyagurira ngo baramuha icyubahiro cy'umwami.Barangije bamwaka rwa rubingo yari afite mu kuboko barumuhondaguza mu mutwe.

Abasirikare barangije kumukoreraho ibyo bagombaga gukora byose aho mu rukiko, barongera bamwambika imyenda ye, maze bamujyana ahitwa i Gologota hasobanurwa ngo i Nyabihanga. Aho niho bagombaga kumubamba. Bagisohoka mu rukiko, bahura n'umugabo witwaga Simoni, bamutegeka ku gahato kwikorera umusaraba wa Yesu.

Bamaze kubamba Yesu ku musaraba, bagabana imyenda ye batangira kuyifindira ubufindo ngo barebe iyo buri wese ari butware.Bicara aho munsi y'umusaraba bareba uko apfa.Abatambyi bakuru n'abandi bakuru b'Abayuda na bo baza kureba aho amanitse, baramukwēna bamushungera ngo ngaho se niyikure ku musaraba. N'abandi bantu benshi baza aho ngaho abambye bakazunguza imitwe bamuvugiraho amagambo akarishye yo kumushinyagurira. Ndetse na ba bambuzi babiri bari babambanywe na we ntibareka kuvuga ibigambo bibi byo kumutuka.

Ariko uhereye isaha ya gatandatu kugeza ku ya cyenda haba ubwirakabiri butwikira isi yose.Yesu avuga ijwi rirenga ati,"Eli, Eli Lama Sabachtani!" Bisobanurwa ngo "Mana yanjye, Mana yanjye, ni iki kikundekesheje?!" Babyumvise, umwe mu bari bahagaze aho arukanka, yenda sipongo, ayuzuza inzoga isharira ayishyira ku rubingo agerageza kuyisomesha Yesu.Ariko abandi baramubuza bati, "Mureke. Ba uretse, turebe ko Eliya aza kumukiza." Hanyuma Yesu yongera kuvuga ijwi rirenga,aratanga.

Akimara gupfa hari ibintu byinshi bitangaje byabaye muri Yerusalemu yose bigaragaza uwo yari we.Umwenda ukingiriza Ahera cyane utabukamo kabiri, utangirira hejuru ugeza hasi, isi iratigita, ibitare birameneka, intumbi nyinshi z'abera bari barasinziriye zirazurwa, bava mu bituro binjira mu murwa wera Yerusalemu.

Nuko kuri uwo mugoroba w'urupfu rwa Yesu haza umugabo umwe w'umutunzi cyane witwaga Yosefu w'Arimataya ajya kwa Pilato asaba umurambo wa Yesu ngo ajye kuwushyingura. Pilato aremera, hanyuma umurambo wa Yesu ushyingurwa mu mva nshya yari yarakorogoshowe mu rutare. Yosefu afata umurambo awuzingira mu mwenda w'igitare wera, awushyira muri ya mva abirindurira igitare ku munwa w'imva, arangije aragenda ahasiga Mariya Magadalena na Mariya wundi bicaye berekeye imva.

Ibibazo

1. Ni gute abakuru b'Abayuda baje kwemeza Yesu icyaha igihe bamuciraga urubanza mu nzu kwa Kayafa**?**
2. Yesu yabashubije iki kuri ibyo birego byose?
3. Pilato yabigenje ate abonye uko kuntu Yesu yicecekera ntiyiregure?
4. Baraba yari muntu ki?
5. Abasirikare b'Abaroma bamugenje bate?
6. Abatambyi bakuru n'abandi bantu bose bari bahagaze aho Yesu amanitse ku musaraba bamwifasheho bate?
7. Habaye iki mu isi yose hagati y'isaha ya gatandatu n'iya cyenda?
8. Mbere y'uko Yesu atanga yavuze cyane n'ijwi rirenga ngo iki?
9. Ni ibihe bintu bitangaje byabaye Yesu apfuye?
10. Yosefu w'Arimataya yakoresheje iki umurambo wa Yesu?

Inyigisho zirimo- Isomo rya 7
Matayo 26-27

Inzira z'Imana si zo nzira z'abantu. Reka dusomere hamwe ibyanditswe biri mu I Abakorinto 1:18-21,27. Usome iki gice kabiri cyangwa gatatu, kugira ngo buri wese agire umwanya wo gutekereza ku byo Bibiliya irimo kuvuga.

"Ijambo ry'umusaraba ku barimbuka ni ubupfu; ariko kuri twebwe abakizwa, ni imbaraga z'Imana; kuko byanditswe ngo:

'Nzarimbura ubwenge bw'abanyabwenge, n'ubuhanga bw'ababahanga nzabuhindura ubusa.'

Mbese none umunyabwenge ari he ? Umwanditsi ari he ? Umunyampaka wo muri iki gihe ari he?Ubwenge bw'iyi si Imana ntiyabuhinduye ubupfu? Kuko ubwo ubwenge bw'Imana bwategetse ko ab'isi badaheshwa kumenya Imana n'ubwenge bw'isi, Imana yishimiye gukirisha abayizera ubupfu bw'ibibwirizwa…. Ahubwo Imana yatoranije abaswa bo mu isi, ngo ikoze isoni abanyabwenge; kandi yatoranyije ibinyantege nke byo mu isi, ngo ikoze isoni ibikomeye."

Iyo turebye ubuzima bwa Kristo, tubona ko inzira z'Imana zitandukanye n'iz'abantu.

- *Iyo umwami wo mu isi avutse avukira ibwami ahantu hakomeye. Ariko Imana yohereje Yesu, Umwami w'abami, ngo avukire mu bukene.*
- *Iyo umuntu ashaka gutanga ubutumwa bukomeye cyangwa ashaka gutangaza ko umuntu ukomeye agiye kuza, intumwa akoresha iba ari umuntu w'umukire wambaye neza kandi ugendera mu modoka nziza y'igiciro. Nyamara Imana yo yatumye Yohana Umubatiza umugabo wambaraga uruhu rw'ingamiya ngo abe ari we utangaza ko Yesu agiye kuza, ibyo yabivugiraga mu butayu aho abantu barindaga guta inzira bakaza kumva ibyo atangaza.*
- *Ubusanzwe mu bantu iyo umwami afite umwanzi ashobora gutsinda mu buryo bumworoheye ahita amurimbura ako kanya. Nyamara Yesu we yijyanye ku bushake bwe mu butayu kugeragezwa na Satani kandi n'ubu ntararimbura Satani ngo amukureho burundu.*
- *Iyo umwami wo mu isi ajya gutoranya ibyegera bye, atoranya abantu bafite impamya bushobozi zihanitse bakuye mu mashuri meza akomeye, bakomoka mu miryango ikomeye kandi bafite amafaranga menshi. Yesu we mu bo yatoranije harimo n'abarobyi n'abakoresha b'ikoro.*
- *Umwami wo mu isi ahatira abantu kumwumvira kandi utavuze rumwe na we akamuhana. Yesu we yatwigishije gukunda. Aha uburenganzira abantu bwo kumukurikira cyangwa ntibamukurikire.*
- *Abami bo mu isi bakoresha abandi iby'inyungu zabo, bakishyuza imisoro, ndetse abandi bajya bica abagerageje kurwanya ubutegetsi bwabo. Yesu yitanze ku musaraba ku bushake bwe kuko yashakaga kwishyura ikiguzi*

cy'ibyaha byacu. Yifuza ko twagira umudendezo wo kuzabana na we iteka ryose.

- *Iyo umwami wo muri iyi si apfuye, arahambwa, hanyuma umuhungu we akamusimbura ku ngoma. Ariko Yesu we yarapfuye hanyuma arazuka kandi ari ku ngoma iteka ryose.*

Yesu si umuntu. Ni Imana. Akwiye gusengwa, kuramywa no kumvirwa.Aradukunda kandi adushakira ibyiza.Ubuzima bwe yabayeho muri iyi sintibwumvikana na gato. Inzira z'Imana zirahanitse cyane zirenze ubwenge bwacu buke bwacu ku buryo umuntu yakwibwira ndetse ko ari ubuswa.

**Bibiliya ivuga ko kimwe mu bintu Uwiteka akunda ari ukumva ishimwe ry'abantu be. Ishimwe ni ukuvuga kubwira Yesu ukuntu umukunda n'ukuntu ushima ubwiza bwe bwose.Imana yishimira kumva urukundo ruturuka mu mitima yacu ku bwayo. Ikunda kumva amagambo nk'aya ngo,"Ndagukunda Mwami kuko wankunze;" cyangwa "Ndaguhimbaza Mwami kuko uri Imana ikomeye." Ayo ni amagambo agaragariza Imana icyo iri cyo kuri jye ku giti cyanjye.*

Iyo utekereje ku buzima n'urupfu bya Kristo, ushobora gutangazwa cyane no kureba ibikomeye Imana, Umuremyi w'isi n'ijuru yadukoreye.Urukundo rwayo rurenze uko twashobora kubyumva. Inzira zayo zirenze cyane izacu kandi ni nziza kurusha ibindi bintu byose twashobora gushima. Iki ni igihe cyiza cyo guhagarika ibindi byose tugafata akanya ko gushima Imana tukayihimbaza.

Intego yo kubambwa kwa Yesu kwari ukugira ngo yitangeho igitambo cy'ibyaha byacu. Yarahanwe,acirwa urubanza acirwaho iteka ku bw'ibyaha wakoze n'ibyo uzakora. Tugomba kumushimira buri munsi ko ari Umwami n'Umukiza wacu.

Tugiye gusenga "amasengesho y'interuro imwe imwe".Mu "masengesho y'interuro imwe imwe"buri wese asenga mu nteruro imwe gusa akabwira Imana igitekerezo kimuri ku mutima,hanyuma akareka n'undi na we agakurikiraho mu nteruro imwe gusa, gutyo gutyo. Reka twese twunamishe imitwe yacu dutekereze ku Mana, Yesu, dutekereze ku mirimo yakoze akiri mu isi, icyo yakoze ku musaraba, dutekereze ku kugaruka kwe, no ku byo arimo gukora mu bugingo bwacu muri uyu mwanya. Noneho tugende dukurikirana twese tuvuga mu magambo ibyo twatekereje ku Mana.Urugero:"Data mwiza, ndagukunda kuko wankijije."Hanyuma noneho n'undi muntu agakurikiraho akavuga indi nteruro: "Mana Data, wambereye umubyeyi mwiza." Buri wese ashobora ndetse yakagombye gusenga incuro zose ashaka bitewe n'uko yumva Umwuka amuyobora.Iki ni igihe cyo kugira ngo dusangire twese ibiri mu mitima yacu.Mukomeze kugeza igihe cyose mwumva mugifite ibyo kubwira Imana. Hanyuma noneho mujye mu mwanya wo gusengera ibyifuzo no gusengerana.

*Muyobozi, wibutse abagize itsinda gutangira kujya bagira umwanya wo gushima Imana no kuyihimbaza mu kanya kabo ko kwihererana nayo buri munsi. Ujye wibuka

kubabaza buri cyumweru uko umwanya wabo wo kwihererana n'Imana wagenze. Ukomeze abari mu bihe byo guhura n'ibibazo, kandi utange umwanya wo kugira ngo abantu batange ubuhamya bavuge ibyo Imana yabahishuriye cyangwa ibyo yabakoreye.

GUTANGIRA UBUZIMA BUSHYA MURI KRISTO

Cyanditswe na
Christy A. Brawner

"Kuzuka kwa Kristo"- Isomo rya 8
Matayo 27

"Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira, ni amahoro, si ibibi, kugira ngo mbareme umutima w'ibyo muzabona hanyuma ." Ni ko UWITEKA avuga. Yeremiya 29:11

Gusubiramo

1. Umuhanuzi Yesaya yavuze ko Yesu azitwa Imanweli, risobanurwa ngo, "Imana _____ _____."
2. Yesu yavuze ko nta n'umwe uzi igihe azagarukira ku isi uretse _____.
3. Yohana yabatirije abantu benshi mu butayu bazaga kwihana _____ byabo.
4. Yesu yashubije Satani gatatu akoresha _____ ry' _____.
5. Niba dushaka kurushaho kwegera Imana no gushobora kunesha ibigeragezo, tugomba kugira akanya ko _____ na yo _____.
6. Yesu yahamagariye abayoboke be kuba abarobyi b' _____."
7. Yesu yabwiye abigishwa be cya gihe bari mu bwato ngo ntibagire _____.
8. Yesu yagiriye abantu impuhwe arebye ukuntu _____cyane.
9. Yesu yabwiye abigishwa be ngo bagende mu izina rye bagire ubwenge nk'_____ kandi batagira amahugu nk' _____.
10. Petero yahemukiye Yesu _____ gatatu mu rugo kwa Kayafa.
11. Yuda yagambaniye Yesu ku batambyi bakuru, bamuhaye ibice by'ifeza_____ .
12. Yesu _____ ibyaha byacu BYOSE iyo tubyatuye.
13. Abasirikare b'Abaroma bagenje Yesu bate?
14. Abatambyi bakuru baje munsi y'umusaraba kugira ngo _____ Yesu apfa.
15. Hari ibintu byinshi bitangaje byabaye Yesu apfuye, harimo ndetse n'abapfuye _____ hirya no hino mu murwa wa Yerusalemu.
16. Yosefu w'Arimataya yajyanye umurambo wa Yesu awurambika mu_____.

Bukeye Yesu yaraye abambwe, abatambyi bakuru n'Abafarisayobarongeye bajya kureba Pilato.Bamubwira ko Yesu yari yarahanuye ko napfa azazuka mu

bapfuye ku munsi wa gatatu. Bamusaba ko hafatwa ibyemezo byo kurinda imva cyane kugira ngo hatagira uwaza akiba umurambo. Pilato abemerera ibyo bamusabaga, hanyuma bamwe muri bo bajya ku mva bahoma ubushishi ku gitare kugira ngo bagifatanye n'umunwa w'imva maze babushyiraho ikimenyetso.Kandi basigayo abarinzi bitwaje intwaro ngo baharinde cyane.

Nuko umunsi wa Sabato ushize, ku wa mbere w'icyumweru, Mariya Magadalena na Mariya wundi basubira ku gituro.Bageze ku gituro habaho guhinda umushyitsi cyane kw'isi, cya gitare cyari gikinze imva cyari cyabirandutse.Marayika w'Umwami Imana yari yamanutse avuye mu ijuru abirandura cya gitare maze acyicaraho.Ishusho ya marayika yasaga n'umurabyo, n'imyenda ye yeraga nk'urubura. Abasirikare bari barinze imva bamubonye bagira ubwoba cyane, bahinda imishitsi, basa n'abapfuye.

Marayika abwira ba bagore ngo ntibatinye.Ati,"kuko nzi yuko mushaka Yesu wabambwe.Ntari hano; kuko yazutse nk'uko yavuze.Nimuze murebe aho Umwami yari aryamye. Nimugende vuba mubwire abigishwa be yuko yazutse; kandi azababanziriza kujya i Galilaya, iyo ni ho muzamubonera; dore ndabibabwiye."

Babyumvise bagira ibinezaneza byinshi bava ku gituro vuba birukanka bajya kubibwira abigishwa.Bageze mu nzira bahura na Yesu arababwira ati, "Nimwishime!" Nuko baramwegera, bamufata ku birenge baramupfukamira.Maze yesu abibutsa ko bagomba kugenda bakabwira abigishwa be bakajya guhurira na we i Galilaya.

Hagati aho ariko abarinzi barazanzamutse barirukanka bajya mu murwa babwira abatambyi bakuru ibyabaye byose.Abatambyi bakuru baraterana, bajya inama, bagurira abasirikare babaha amafaranga menshi ngo bagende bakwiza hose ko basinziriye hanyuma abantu bakaza bakiba umurambo wa Yesu. Banabizeza ko kandi bazabarinda bakabarengera Pilato aramutse abimenye bikaba byabateza akaga.Nuko abasirikare bijyanira amafaranga, uhereye ubwo ibihuha byinshi bikwira Yerusalemu kumara imyaka myinshi.

Nuko abigishwa bajya i Galilaya ku musozi Yesu yabategetse.Araza arabasanga, bamubonye baramupfukamira baramuramya, ariko bamwe barashidikanya.Nuko Yesu avugana na bo abaha amabwiriza ya nyuma mbere y'uko azamuka asubira mu ijuru. Arababwira ati, **"Nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi.Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana n'umwuka Wera; mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y'isi." Amen.**

Gusubiramo

1. Kuki Abafarisayo bashakaga ko hashyirwa abarinzi ku mva ya Yesu?
2. Ni abahe bagore babiri bagiye gusura imva?
3. Abo bagore ni iki babonye bageze ku mva?
4. Marayika yababwiye ngo iki?
5. Abarinzi byabagendekeye bite?
6. Abarinzi bagiye he igihe marayika yari abonekeye aho?
7. Ni iki abatambyi bakuru babemereye kubaha?

8. Ni nde ba bagore babonye ubwo basubiraga inyuma biruka bajya kubwira abigishwa?
9. Yesu yabwiye abigishwa ko bagomba guhurira he na we?
10. Ni irihe tegeko Yesu yahaye abayoboke be kuri wa musozi mbere y'uko azamuka ajya mu ijuru?
11. Ni bande Yesu yasezeranyije ko azabana na bo iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi?

<u>Inyigisho zirimo- Isomo rya 8</u>
Matayo 28

1. <u>Ubutumwa bwa Yesu ni ubwo kubwirwa abantu bose.</u> Birashoboka ko Imana yaba imaze igihe ivugira mu mutima wawe igushyiramo imbaraga n'ubushake bwo kugeza ubutumwa bwayo ku bandi. Hari uburyo bwinshi bwo kubwira abandi iby'urukundo rwa Kristo. Uburyo bumwe bwiza ni ukubwira umuntu cyangwa se itsinda ry'abantu inkuru y'ubuzima bwe. Ushobora kubigeraho ukoresheje iki gitabo mu gihe cy'ibyumweru birindwi. Kuva ku isomo rya kane, twese nk'itsinda twasengeye abantu runaka Imana yabashyize ku mutima. Ahari wenda mwaba mwaragize amahirwe yo guha ubuhamya abo bantu mubabwira ibyahindutse mu buzima bwanyu. Niba bitarabaye, iki cyumweru muzagerageze kubageraho mubabwire.
    - URAMENYE ntukagende ngo utangire kubwira abantu ukuntu ari abanyabyaha kandi ko bazajya mu muriro utazima niba batihannye.
    - BASABE niba bakwemera mugafatanya kwiga inyigisho za Bibiliya IWABO mu rugo. Babwire ko umaze igihe wiga Bibiliya none ukaba wibazaga niba nabo byabashimisha kwigana nawe ibyerekeye ubuzima bwa Kristo kumara ibyumweru birindwi.
    - Nujya iwabo mu rugo, ntugende wenyine ushake undi mugenzi wawe mujyane. Ashobora kuba ari umuntu wo mu itsinda ryawe ryo kwiga Bibiliya cyangwa undi muntu musengana mu Itorero. Birashoboka ko n'umuyobozi w'itsinda ryawe yakwifuza ko mujyana.
    - Nugenda, ufate umwanya wo kuganira n'abo bantu ibijyanye n'imibereho yabo. Wegere abantu bo muri uwo muryango, utege amatwi ibyifuzo byabo. Basengere, usengere akazi kabo n'umuryango wabo, kandi usabe Imana itange amahoro muri urwo rugo.
    - Tangirira ku nkuru ya mbere yerekeye kuvuka kwa Kristo. Ubareke bagire umudendezo wo kubaza ibibazo. Ntacyo bitwaye niba utabonye igisubizo. Ubabwire ko uzabanza kubaza umuyobozi w'itsinda ryawe ry'inyigisho za Bibiliya kuko nawe utabizi, hanyuma uzabazanire igisubizo icyumweru gikurikiyeho.
    - URAMENYE ntukarenze isaha imwe muri urwo rugo. Wibuke ko izi ari inyigisho ngufi za Bibiliya.
    - Buri munsi muri icyo cyumweru no mu byumweru bizakurikiraho, ujye usengera abo bantu n'imiryango yabo. Usabe abandi bo mu itsinda ryawe bagufashe gusengera abo bantu.

IBI UJYE UBYIBUKA: Nk'uko nta bubasha dufite bwo kugira umuntu n'umwe twakiza indwara cyangwa bwo kwirukana dayimoni n'imwe, ni na ko nta muntu n'umwe twashobora kwemeza ko akeneye Kristo. Ufite ubwo bubasha ni Umwuka Wera uba muri twe. Afite ububasha bwo gukiza abantu indwara zabo; afite ububasha bwo kwirukana abadayimoni mu bugingo bw'abantu kandi ni we ufite imbaraga zo gucagagura imigozi y'ibyaha ku bugingo bw'abantu akabageza ku kwihana no

kwakira Kristo. Twebwe inshingano yacu ni ukubabwira ijambo ry'Imana no kubasengera.

Ushobora kuba imibereho yawe itakwemerera kuzabona umwanya w'ibyumweru birindwi byose byo kwigana n'abantu Bibiliya kandi nyamara wifuzaga kubabwira ibya Yesu Kristo .

Dore icyo wakora:

- Babwire inkuru ya Kristo neza uko ubishoboye. Ubabwire kuvuka kwe, kubatizwa kwe, ubuzima bwe, ibitangaza yakoze, urukundo rwe, ubutumwa bwe bwo kwihana, kugambanirwa kwe, urupfu rwe no kuzuka kwe.
- Ubabwire ko natwe nk'abantu bo mu gihe cya Yesu, twese twakoze ibintu bidakwiriye imbereye y'Imana, n'ubwo tugaragara nk'abantu beza cyane. Ibyo bishaka kuvuga ko twese twakoze ibyaha. Ubahe ingero z'ibyaha bimwe na bimwe: kubeshya, kwiba, kwangana, ishyari, ubusambanyi n'ibindi.
- Ubabwire ko nk'uko Imana yababariye abantu bavugwa muri Bibiliya, ari ko nawe yakubabariye ibyaha byawe umunsi wabyihannye.
- Ufate akanya gato ko kubaha ubuhamya bw'ubuzima bwawe uko wari umeze utarakira Kristo, n'ukuntu wakiriye yesu ugakizwa, hanyuma unababwire ubuzima bwawe uko bwahindutse kuva ukijijwe.
- Soma cyangwa se uvuge udasoma umurongo umwe w'ingenzi muri Bibiliya, Yohana 3:16. Haravuga ngo, "Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo ūmwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho."
- Babaze niba bashaka na bo kwihana ibyaha byabo, bakizera Kristo kandi bakakira imbabazi ze.
- Basobanurire ko kwizera Kristo bisobanura kumwegurira ubugingo bwawe. Ni ukumwiringira kandi ubugingo bwawe ukabushyira mu biganza bye.
- Niba bavuze ko babishaka, ubafashe gusenga isengesho rigufi begurira ubugingo bwabo Imana.
- Nibavuga ko batabishaka, ubabaze niba wabasengera muri uwo mwanya, hanyuma ubasengere usabe Imana kugira ngo ibafashe babashe gusobanukirwa ukuri kwayo mu bugingo bwabo.

***Mube muhagaritse ibindi nk'itsinda mubanze mwitoze uko mwageza umuntu kuri Kristo. Mwigabanyemo udutsinda tw'abantu babiri babiri maze buri wese akurikize intambwe zose zo kugeza umuntu ku gakiza.**

Murangije uwo mwitozo, ushobora kugira ibitekerezo ukibwira uti, “Ibi ntibishoboka, jye sinazashobora na rimwe kugira umuntu n’umwe mbasha kubwira ibya Kristo.” Tekereza ku nyigisho ya nyuma muri somo:

2. “Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y’isi.” Bibiliya ivuga ko igihe twakiriye Kristo, Umwuka Wera aza agatura mu bugingo bwacu. Ushobora kuba utarabimenya, ariko yatangiye gukorera mu bugingo bwawe (Yohana 14:7).
    - Ni we utwigisha igihe dufashe ka kanya kacu ko kwihererana n’Imana buri munsi (Yohana 14:26)
    - Ni we utwemeza ibyaha iyo tutumviye Imana. Ni we wadufashije mbere na mbere kumenya ko turi abanyabyaha kandi ko dukeneye imbabazi za Kristo mu bugingo bwacu. (Yohana 16:8-11)
    - Ni we uduha ubwenge akatuyobora mu bushake bw’Imana ku bugingo bwacu. (Yohana 16:13)
    - Aradukomeza iyo dufite agahinda. (Ibyakozwe 9:31)
    - Adutera imbaraga akaduha impano zidushoboza gukora ibintu tutakanarose mu nzozi ko twabishobora. Aduha amagambo yo kubwira abandi ibya Kristo. (I Abakorinto 12)

Dushobora kwibwira ko tutazigera tuba abayoboke ba Kristo twifuza kuba bo. Dushobora kwibwira ko kumvira Imana ari ibintu bidashoboka. Koko ni ko bimeze.Ntacyo twakora ngo dushobore gukurikira Kristo, ariko Imana mu Mwuka Wera uba muri twe yabidushoboza.

Iri ni ryo banga ryo gushobora kubwira abandi ibya Kristo; ni ryo banga ryo kutagendera mu bwoba; ni ryo banga ryo kubasha gufata ibyemezo bizima buri munsi. Igihe twemereraga Umuremyi w’isi n’ijuru kwinjira mu bugingo bwacu, yaduhaye impano yo kuzahorana natwe iminsi yose. Kubaho k’Umwuka Wera ni yo sōko y’imbaraga n’ubushobozi bwacu. Iki ni cyo kintu kinezeza cyane kuko Bibiliya ivuga ko Imana idufitiye imigambi myiza cyane, ibitekerezo bitagira uko bisa, n’ibintu byiza yifuza gukora ku bugingo bwa buri wese muri twe. Reka turangize iyi nyigisho tureba amasezerano meza cyane ari muri Yeremiya 29:11-13:

“Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira, ni amahoro, si ibibi, kugira ngo mbareme umutima w’ibyo muzabona hanyuma. Ni ko UWITEKA avuga. Kandi muzanyambaza, muzagenda munsenga, nanjye nzabumvira. Muzanshaka mumbone, nimunshakana umutima wanyu wose.”

IMANA IGUHE UMUGISHA UKO USHISHIKARIRA GUKOMEZA GUSHAKA KUYIMENYA!

Uko Ubutumwa bwiza buteguye

(iyi mirongo ya Bibiliya itandatu igaragaza umutima w'ubutumwa bwiza.)

1. Umugambi w'Imana ku bugingo bwawe

Bibiliya iravuga muri **I Yohana 5:13** ngo**, "Ibyo ndabibandikiye mwebwe abizeye izina ry'Umwana w'Imana, kugira ngo mumenye yuko mufite ubugingo buhoraho."**

Intego y'uyu murongo: Kugaragaza ko Imana ishaka gutanga icyizere cy'ubugingo buhoraho kubw'urukundo ikunda abantu.

Insobanuro y'uyu murongo: Ubugingo buhoraho ni ibintu bibiri:

a) Kumenya Yesu Kristo no kugira amahoro ye mu mutima wawe ubu tukiri muri ubu buzima bwa hano mu isi. (Yohana 17:3)
b) Kuzabana na Yesu Kristo mu ijuru iteka ryose nyuma yo gupfa. (Yohana 14:1-3)

Gushyira uyu murongo mu bikorwa: Ese urashaka kugira icyizere cy'uko ufite ubugingo buhoraho?

Icyitonderwa: Mu bantu b'imico ya gikristo ndetse n'itari iya gikristo aya magambo agomba gusobanurwa neza akumvikana; kandi ibyo bishobora gutwara igihe kinini.

2. Icyo ukeneye

Bibiliya iravuga mu **Abaroman 3:23** ngo, **"kuko bose bakoze ibyaha ntibashyikira ubwiza bw'Imana".**

Intego y'uyu murongo: Kwerekana ko twese turi abanyabyaha.

Insobanuro y'uyu murongo: Icyaha ni iki? Icyaha ni ukutumvira Imana. Urugero: twese twakoze ibyaha nko kubeshya, kurakara, gusharira, ubugugu, irari n'ubwibone.

Gushyira uyu murongo mu bikorwa: Ese uremera ko wakoze ibyaha? Ingaruka z'icyaha ni izihe?

Bibiliya iravuga mu **Abaroma 6:23** ngo**, "Kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu, ariko impano y'Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu."**

Intego y'uyu murongo: Kugaragaza ko twese dukwiye urupfu kubw'ibyaha byacu.

Insobanuro y'uyu murongo: Urupfu ni iki? Urupfu bisobanura gutandukanywa n'Imana mu buryo bubiri.

Ubwa mbere, urupfu ni ugutandukana n'Imana tukiri hano muri ubu buzima bwo ku isi. Ni ukubaho nta byishimo n'amahoro mu mutima. Ni ubuzima butagira ibyiringiro by'ubuzima buhoraho kandi ukaba udafite Yesu mu mutima wawe. Gutandukanywa n'Imana bituma umuntu aba igishushungwe akagira umutima wuzuye ubwoba.

Ubwa kabiri, urupfu ni ugutandukanywa n'Imana ukazaba mu muriro iteka ryose. Ubwo ni ubuzima butagira Kristo iteka ryose. Dukurikije Bibiliya, twese dukwiye urupfu, gutandukanywa n'Imana, kubera ibyaha byacu.

Gushyira uyu murongo mu bikorwa: Ese urumva neza ko ukwiye urupfu, gutandukanywa n'Imana, kubera ibyaha byawe?

3. Impano y'Imana

Bibiliya iravuga mu **Abaroma 5:8** ngo**, "Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha."**

Intego y'uyu murongo: Kwerekana ko Imana idukunda cyane ku buryo byatumye itanga Umwana wayo Yesu Kristo ngo apfe kubw'ibyaha byacu.

Insobanuro y'uyu murongo: igihembo gihari cy'ibyaha ni kimwe gusa ni urupfu. Yesu kristo yarahanwe, ajyanwa mu rubanza, acirwaho iteka ry'urupfu rwo ku musaraba kugira ngo yishyure igihano twagombaga guhabwa kubw'ibyaha twakoze.

Urupfu rwa Yesu nicyo gitambo cyonyine gihagije kugira ngo umuntu ave mu bubata bw'urubanza rw'ibyaha. Abantu benshi bageragеza kugera ku Mana banyuze mu nzira zitandukanye: Bakishingikiriza ku myitwarire yabo myiza cyangwa se ku bikorwa byabo byiza. Bashobora no kugerageza kugera ku Mana baciye ku batagatifu, ku bigirwamana, ku mashusho, ku myuka runaka se, cyangwa ku bakurambere.

Ibyo umuntu yagerageza gukora byose mu mbaraga ze nta bushobozi bifite bwo kumwezaho ibyaha. Uburyo bumwe gusa umuntu ashobora gushyikirana n'Imana ni uguca muri Yesu Kristo. Yesu amaze gupfira ibyaha byacu ku musaraba, yazutse mu bapfuye anesheje urupfu. Ubu ni muzima kandi arashaka kuba mu mutima wawe.

Gushyira uyu murongo mu bikorwa: Ese wizera ko Yesu Kristo ari we Mwami wawe wenyine, Umukiza wawe n'Umuhuza wawe n'Imana?

4. Icyo wakora wowe

Bibiliya iravuga mu **Abaroma 10: 9** ngo**, "Niwatuza akanwa kawe yuko , 'Yesu ari Umwami', ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye mu bapfuye, uzakizwa."**

Intego y'uyu murongo: Kwerekana icyo wakora kugira ngo wakire Yesu nk'Umwami wawe.

Insobanuro y'uyu murongo: Mu kwakira Yesu ugomba gukora ibintu bibiri:

a) Icya mbere, mu kwakira Yesu ugomba kwatura ko Kristo ari we Mwami wawe wenyine. Ugomba kureka ibyaha byawe ugakurikira Yesu. Ibyo bisobanura kwegurira Kristo ubuyobozi bw'ubugingo bwawe. Uko ni ukwihana.

b) Icya kabiri, mu kwakira Yesu ugomba kwizera mu mutima wawe ko Kristo yazutse mu bapfuye kandi ko ari we Mukiza wawe wenyine. Ibyo bisobanura ko ugomba kurekeraho kwizera ibindi bintu nko kwishingikiriza ku ngeso nziza, imirimo myiza, ibigirwamana, amashusho, abatagatifu, abakurambere ahubwo ugashyira kwizera kwawe muri Yesu Kristo nk'Umukiza wawe wenyine.

Gushyira uyu murongo mu bikorwa: Ese witeguye kwatura Yesu nk'Umwami kandi ukamwegurira ubugingo bwawe ngo abe ari we ubutegeka wenyine? Witeguye kureka kwizera ibindi bintu ugaha ubugingo bwawe Kristo aka kanya ngo abe Umwami wawe n'Umukiza wawe?

Bibiliya iravuga mu **Abaroma 10:13** ngo**, "'Umuntu wese uzambaza izina ry'Uwiteka azakizwa.'"**

Intego y'uyu murongo: Kwerekana ko uwo ariwe wese uzahamagara izina rya Yesu azakizwa.

Insobanuro y'uyu murongo: Ibi bivuze ko ushobora kwakira Yesu aka kanya mu mu mutima wawe mu kwizera.

Gushyira uyu murongo mu bikorwa: Ese witeguye guha ubugingo bwawe Yesu ukamusaba ngo yinjire mu bugingo bwawe nonaha? Niba witeguye senga Imana n'umutima wawe wose iri sengesho.

> "Mwami, ndi umunyabayaha. Ndakwizeye Mwami, ni wowe Mwami wanjye wenyine, ni wowe Mukiza wanjye kandi ni wowe Muhuza wanjye n'Imana. Nguhaye ubugingo bwanjye. Ngwino mu mutima wanjye nonaha unkize. Hindura ubugingo bwanjye kandi ubutegeke rwose. Amina."

Ese wizeye ko Yesu yashubije gusenga kwawe? None ubu Yesu ari he noneho? Wakijijwe se?